N° 10

IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.

KA02 1235

LA RECONSTRUCTION ET LA RECONCILIATION NATIONALE EN APPELLE A L'APPLICATION PREALABLE DU MULTIPARTISME.

TUMENYE IMIGAMBI Y'INKOTANYI TUBONEREHO KUZIRIKANA UKO TUZAZITSEMBA BURUNDU

IBIVUGAGUZA ABAHUTU BO MURI SUPEREFEGITURA NGORORERO NI AMATAKIRANGOYI CYANGWA NI UKURI?

O.U.A. 90/91 : UN BILAN TRISTEMENT NEGATIF !

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

N° 10

Abonnement annuel : Rwanda : 2400 FRW
Afrique : 4400 FRW
Europe : 5000 FRW
Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI

Le contenu des articles engage l'Auteur et l'Editeur — La Regie de l'Imprimerie Scolaire n'est engagée que par la qualité de l'impression

KA02 1236

KA021236

Lettre ouverte à la Commission Nationale de Synthèse et au CND.

LA RECONSTRUCTION ET LA RECONCILIATION NATIONALE EN APPELLE A L'APPLICATION PREALABLE DU MULTIPARTISME.

UMUSOGONGERO :

Cusana no kubaka ibyasenywe, ni ukubanza kuvanaho ibyago n'imiziririzo ya demokarasi mu Rwanda.

Kuva muri Kamena 1990, Perezida HABYARIMANA yasabye Abanyarwanda bose gutekereza uko politiki n'imibereho y'abaturage byagengwa mu minsi iri imbere.

Kuri 21 Nzeri 1990, ashyiraho akanama gashinzwe gukusanya ibitekerezo byatugeza ku butegetsi bushingiye ku mashyaka menshi. Ariko iyo demokarasi yacu igira ibyago byo gushingwa ibikwasi n'inkota mu bitugu (kuva undi umuturutse inyuma ni ubugwari) n'Inkotanyi kuva mu kwakira kugeza ubu.

Demokarasi yacu rero ntimunzue n'ibyago Inkotanyi zikomeje kuduteza muri iyi ntambara gusa. Demokarasi yacu irimo iramungwa n'imiziririzo y'ikibazo cy'amoko mu Rwanda kidashyirwa hasi ngo abatuye u Rwanda bakinyuke, kibahande, bakimenyere maze bakibonere umuti ku bwabo, batabitegetswe n'ugushaka kw'Invenzi.

Ikibabaje kindi, ni uko uruviyerurutso rwa bamwe mu Banyarwanda rushaka kwemeza abategetsi n'abategekwa ko ubumwe bw'igihugu ari ubwumvikane n'urukundo hagati y'amoko. Bikomeje bityo rero kandi u Rwanda ari urwacu twese turuzi, ntawavuga aho ruzagarukira mu minsi itaha. Nyabuna rwose Banyarwanda, Batutsi, Batwa namwe Bahutu, nimuvugishe ukuri, muvuge icyo mufuza kandi kitica bagenzi banyu, ahubwo kibafitiye akamaro kandi kibateza imbere, kigateza imbere igihugu cyacu.

Kangura *kuri iyi nimero ya 10 yayo ibamenyesheje ko ubu atari igihe cyo guterana amagambo itangaza invandiko zisesereza, kandi ubutegetsi bwaraduhaye uburenganzira bwo kuvuga tugatobora. Yewe* Kangura *irasanga atari na ngombwa, ko twakwitwaza amakosa y'ubutegetsi bushingiye ku ishyaka rimwe rukumbi twashyigikiye tubishaka, cyangwa tukayinjiramo tuvinja tukayabeshya ngo turi abarwanashyaka ba Parmehutu cyangwa abamilita ba M.R.N.D*

Twese mu mahoro n'ubumwe dore hashize imyaka 15, twahaye amashyi ibikorwa bya Muvoma tuyemera. Muze rero twese hamwe twemere ubucakara n'uburumirahabiri bwacu byo hambere, amakosa yacu, maze tuzahure igihugu cyacu.

Muri iyi nyandiko harimo uko tubona ibintu muri iki gihe cy'intambara, n'ukuntu dushobora gusana ibyasenywe nayo, tucitashishije demokarasi.

Ubutegetsi nibusubiranwa na ba nyirabwo — rubanda — dore ko MRND ibituwemerera, ibikocamye bigakosorwa, amaherezo u Rwanda rwaba igihugu cya mbere cyagera kuri demokarasi nyayo muri Afurika. Intambara y'Inkotanyi nayo turakeka ko yarangira vuba, kuko mu gihe tuemeye gutangira kuganira na zo i Goma, ejo bundi haza Arusha, Perezida wacu afatanije n'abavandimwe be bategeka ibihugu bidukikije bakaziga ikibazo cy'impunzi, natwe hano mu Rwanda amashyaka ntabwo akwiye gutinda. Akwiye kwerekana abategetsi bayo maze akaba ari bo nabo bahura n'abategetsi ba rya shyaka ry'impunzi z'Inkotanyi « FPR » n'andi aryungirije nka UPR ya Majyambere.

Ntabwo rwose FPR ikwiye icyubahiro cyo kuduhagurukiriza abategetsi ngo nibo bagiye kuganira nayo, keretse mu gihe tucyemera ko MRND ari ishyaka rimwe rukumbi.

HABYARIMANA rero yatweruriye ko atari uko bimeze, kujyaho kwamashyaka menshi ntibikiri ikibazo.

Pour restaurer les désastres de la guerre, il faut bannir les malheurs et les tabous de la démocratie rwandaise.

Déjà depuis juin 1990, le Président HABYARIMANA Juvénal invitait tous les Rwandais à réfléchir sur l'avenir socio-politique du Rwanda.

Il a créé une Commission Nationale de Synthèse le 21 septembre 1990 afin que toutes les opinions et tendances puissent être exprimées. L'attaque des Inkotanyi le 1er octobre 1990 a voulu étouffer le jeu démocratique qui venait juste de recevoir ainsi son coup d'envoi. Les attaquants voulaient absolument que le début de notre pluralisme démocratique soit de mauvais augure. Ils viennent par ailleurs de démontrer qu'ils sont incapables de vaincre par la kalachnikov. Mais ils espèrent, par l'usure des consciences et la désintégration de la nation pouvoir se frayer une voie dans les fissures de la population intérieure qu'ils harcellent et intimident, pour arriver au pouvoir autocratique et monolithique banni par les peuples du monde entier.

C'est pourquoi nous croyons que pour défendre le peuple rwandais de l'intérieur des exactions de la guerre que les Inkotanyi souhaitent voir se prolonger pour des raisons aussi évidentes. Il nous faut absolument achever dans les meilleurs délais la construction ou plutôt la consolidation par la démocratie pure sans ambivalence de la «Nation Rwandaise» par la population intérieure. C'est après avoir construit cette nation que la population intérieure elle-même pourra, par les décisions qui seront siennes, issues de son parlement, résoudre le problème et statuer sur les réclamations de la diaspora extérieure.

La notion d'unité nationale que certains confondent avec cohésion interethnique ne peut servir de goulot d'étranglement de la démocratie en aucun cas. Tant que la «Nation» Rwandaise qui est là depuis des années et respectée par tous les citoyens depuis les temps n'aura pas banni les malheurs et tabous de la démocratie, les rancunes ethniques qui se cachent derrière un semblant de régionalisme semé par les féodalistes et les mécontents de tout acabit, elle aura encore beaucoup à attendre et souffrir. Les bannir, c'est les reconnaître et leur trouver une solution adéquate. C'est ça la reconstruction.

Si le coup d'envoi du 21 septembre 1990 nous a permis d'entrer dans le jeu démocratique, ce n'est plus le moment de jeter les pierres aux « autres », alors que les dirigeants du pays ont donné assez de temps pour dire (exprimer) ce que nous pensons.

Il n'est plus opportun de faire des articles scrabuleux pour n'écrire que les méfaits du régime monopartiste auquel nous avons tous participé par notre adhésion feinte ou engagée dans le MDR Parmehutu et surtout dans le MRND depuis déjà plus de 15 ans, et dont nous avons toujours cautionné par nos applaudissements les actes.

Le jeu politique sans arbitres.

Le Rwanda est une république démocratique qui a constitutionnellement un Gouvernement du peuple, par le peuple et pour le peuple (art. 1 de la constitution du 24 novembre 1962 et celle du 20 décembre 1978).

Le peuple comme arbitre a délégué son

KA02 1237

KA021237

pouvoir au MRND dans la constitution du 20 décembre 1978 dans son préambule et art. 7.

Le même MRND, voyant les temps révolus, voulut remettre le pouvoir au peuple. Maintenant les Inkotanyi veulent le lui ravir, manu militari.
Le MRND entrant dans le jeu politique déjà par sa restructuration, dans ces moments de transition où la guerre et les complices faussent toutes les données, quand la constitution est encore ce qu'elle est, le jeu démocratique est sans arbitre.

L'anachronisme et l'extremisme.

Pour prévenir visiblement un extremisme quelconque, la charte nationale (avant-projet) dans son principe n° 1 affiche un anachronisme avec son principe n° 3 qui refuse au peuple les points de repères connus et admis par le monde entier, ici nommés formes de discrimination.
Personne n'a demandé de devenir blanc ou noir, Africain ou Européen, Rwandais ou Zaïrois, Hutu ou Tutsi, Juif ou Allemand, sauf évidemment les imigrés ou les réfugiés naturalisés.

C'est à partir de ces bases qu'il existe les entités continentales que nous connaissons : Afrique, Europe, les groupes physiologiques d'humains, noir-blanc, les pays comme le Rwanda et le Zaïre, les ethnies Hutu-Tutsi et les nationalités juives ou allemandes. Autant de points de repère et d'identification admises par la communauté internationale.

Etre de telle race, de telle ethnie, de tel pays ou telle région, adhérer à telle ou telle autre religion n'a jamais été considéré comme forme discriminatoire. La réunification de l'Allemagne est le fruit de ce point de repère.

Nous n'allons pas refuser que la guerre des croisades fut un conflit entre catholiques et musulmans, que les blancs d'Afrique du Sud combattent les noirs. Tout cela était dans un premier cas la lutte des idéologies, et dans un second, l'absence du droit à l'égalité. C'est cette dernière qui engendre les discriminations. Mais dès que les idéaux d'un pays, d'une culture ou d'un groupe ethnique ont droit à l'expression, ils rencontrent les droits et idéaux des autres qui les limitent et ainsi se limitent mutuellement. L'égalité garantit donc le principe selon lequel « le droit de l'un s'arrête où commence le droit de l'autre ». Mais les deux ont droit et pouvoir d'exister.

Autre chose est l'exercice du pouvoir par la loi devant laquelle tous sont égaux et sans distinction aucune. La constitution de 1978 est explicite sur ce sujet en son art. 16.

En matière de prévention des extrémismes destructeurs, nous croyons que la seule chose qu'il faut éviter aujourd'hui est de tomber dans une guerre d'aveugles revenchards.

Issues prévisibles au processus démocratiques au Rwanda.

1. *Si nous trainaillons dans les procédures institutionnelles et juridiques, le processus sera long, les Inkotanyi nous imposeront une guerre de provocations sporadiques et de terrorisme comme ils ont l'habitude de le faire. Et ainsi nous allons nous enliser dans un conflit d'usure de nerfs, de patience et de conscience qui peut provoquer une révolution plus importante que celle de 1959 quand le peuple sera exaspéré. Evidemment, on le voit déjà les massacres de la population civile par les Inkotanyi seront plus importantes que celles perpétrées par les Inyenzi entre 1963 — 1967.*
   Comme le vrai processus démocratique aura été impossible dans ces conditions, l'issue est imprévisible.
2. *Si nous renoncions aux procédures institutionnelles et juridiques timides et longues et nous en tenions au calendrier de court terme décidé par les consultations populaires par la voix de ses représentants (les députés), aidés de la Commission Nationale de Synthèse, si nous amandions l'article 7 de notre constitution, tant que le président de la République ne fait plus du multipartisme objet de nuageuses interrogations, le MRND se mettrait plus librement à sa tâche de restructuration au moment où il va attendre sur le ring les autres partis politiques qui se formeront, non en patron mais en partenaire concurrent.*

L'issue dans ce cas serait démocratique que même les provocations des Inkotanyi seraient trop insensibles au cas où ces derniers ne voudraient pas se rendre à la raison.

Interrogations pertinentes d'une démocratie pluraliste naissante.

1. *L'enjeu ethnique existe-t-il au Rwanda?*

   Oui et non.

   Oui, parce que le Rwanda n'a pas échappé au système bien décrit par Jean François Bayart dans son livre intitulé «L'état en Afrique — La politique du ventre». (Ed. Fayard, fév. 1989)
   Non, parce que le système politique rwandais, a essayé de prôner un équilibre régional et ethnique qui a quand même réussi plus qu'ailleurs en Afrique.
2. *Le pouvoir de Hutisme « pur et dur » existe-t-il au Rwanda ç?*
   Non. Parce que depuis 1959, les Tutsi n'ont jamais été écarté du pouvoir. Au contraire ; il l'ont miné et exploité de tous les côtés, à telle enseigne qu'ils ont pu monopoliser l'économie du pays qui chancèle à cause d'eux, mieux de leur absence, comme le dit Monsieur Majyambere lui-même.
3. *Y a-t-il moyen que la paix au Rwanda soit rétabli à moindre coût avec la polarisation socio-politique actuelle?*
   Oui. A condition de reconnaître que les systèmes politiques (africains) doivent s'ériger sur une reconnaissance de l'identité ethnique plutôt que sur sa suppression. (Mr Afrique, Hermann COHEN, secrétaire d'état adjoint aux affaires africaines, 18 nov. 1990, Washington, AAI.)
   A ces conditions, la survie du peuple rwandais serait assurée.

Conclusion

Sur la voie du multipartisme, le peuple rwandais commence à reprendre progressivement son pouvoir, même si la constitution ne lui a pas encore donné cette prérogative. La preuve en est que même si la presse internationale dénigre la cours de sûreté de l'Etat à avoir cédé aux pressions populaires, le peuple rwandais lui, est content que ceux à qui il a confié son pouvoir judiciaire l'exercent conformément à la volonté et la loi qui régit et anime ce même peuple. Dans le procès des Inkotanyi et leurs complices, attaque des Inyenzi à Ruhengeri envenimant, le pouvoir et la volonté du peuple intérieur ont pris le dessus sur la logique juridique sans pression de l'opinion extérieure. La réunion de Kabusunzu, du 10 au 12 février 1991 a exprimé aussi la volonté des paysans qu'il faut respecter.

Ainsi peut-on dire, que le pouvoir du peuple et par le peuple, sa volonté qui rencontrera les doléances d'un pouvoir exécutif à l'écoute et d'un parlement du peuple nanti de ses pouvoirs, vont faire éteindre le mécontentement général brûlant causé par les attaques des Inyenzi, favorisé par les rouages et ***l'usure*** *d'un pouvoir qui a favorisé la complicité des gens mal intentionnés ne pouvant en tout cas pas constituer un pouvoir majoritairement démocratique, sauf une dictature sanglante.*

Ainsi et comme souligné dans notre Editorial KANGURA n° 8, il est recommandable que la Conférence Régionale sur les questions des Réfugiés accepte le retour de tous les réfugiés. S'ils sont braves qu'ils reviennent sans kalachnikov, nous nous retrouverons aux urnes du multipartisme.

La Ré

KA02 1238

KA021238

Repubulika ya mbere nayo yagombye guhatana itazuyaza n'ibinyoma by'inyenzi-nkotanyi.

GATUTSI-NYENZI YATEYE YIYAHURA !

par MAKUZA Anastase.

IKINYOMA GIHABWA INTEBE RIMWE NTIKIYIHABWA KABIRI.

IMPINYUZA IBESHUZA IMPUNZI
yatanzwe na
NYAKUBAHWA BWANA ANASTAZI MAKUZA
PEREZIDA W'INTEKO NKURU Y'AMATEGEKO.

Parisi, kuwa 3 Werurwe 1964.

GATUTSI-NYENZI YATEYE YIYAHURA.

Mu rugendo yagenze kuva tariki ya 17 Gashyantare 1964 kugeza tariki ya 23 Werurwe 1964, mu bihugu byinshi by'i Burayi n'Afurika ya ruguru, Bwana Anasitazi MAKUZA, Perezida w'Inteko Nkuru y'Amategeko, yagiye anyomoza abatware b'inyenzi n'ibyitso byazo ibyo babeshyeye Repubulika y'u Rwanda mu mahanga.
Amagambo yagiye avuga aho yanyuze hose, ahiniye muri iyi disikuru yavugiye i Parisi imbere y'abanditsi b'amakuru n'abanyacyubahiro bari baje kumwumva.

Bategа-rugori,
Rubanda mwese,

Muri ibi byumweru bishize, hari ibinyamateka na za radiyo z'inyuma y'u Rwanda byavuze iby'imidugararo iherutse kurubamo.

Hari abagiye babivuga imvaho. Binteye kubanza kubashimira mu ruhame amatwara yabo yo kuvuga ukuri kwerekana ubupfura buranga abanditsi b'amakuru.

Hari abandi bashutswe bamamaza impuha, ari ukuvuga amakuru y'amahimbano, ari ukuvuga banimfura cyangwa se babogamiye mu gahande kamwe gusa. Mvuze ko « bashutswe » kuko uko mbibona, ubukana bagayanye uwo batungiwe agatoki n'abababeshye, bunyereka ibintu bibiri
icya mbere ni uko ababyitabiriye batari bazi ko bashukwa, bakitabira ibyo bumvise babitewe n'impuhwe bafitiye ubabaye ;
icya kabiri ni ingumba y'ikinyoma cy'abayobozi b'abo baburamana b'inyenzi babeshye amahanga kugeza igihe azigirira izo mpuhwe kandi yarajyaga kuzijujubya iyo aza kumenya imvaho.

Ubwo butanazi bw'ikinyoma, icyo bwabyaye namwe murakireba : ni umugayo igice kimwe cy'Abafaransa cyagaye Repubulika y'u Rwanda n'impuhwe cyagiriye gatutsi-nyenzi. Uko gutonesha abagome no kwamagana abatagoma byenze kuntera gushidikanya mbere yo kuvuguruza izo mpuha, ari ugukeka ko wenda mutaza kwemera ukuri ngiye kubabwira. Ariko hari ibyaje kundema umutima : ni uko nsanzwe nzi ko Abafaransa bataheranwa n'ikinyoma, nkamenya ko nta ntwari yigeze kubura urubuga hano i Parisi ishaka kuvugira ahagaragara ukuri kwayo. Ni uko u Bufaransa butigeze butenguha igihugu cyose gikotanira kwishyira kikizana. Ni uko ikosa rimwe rudori ryitiriwe Abanyarwanda, ari uko begukanye bwa bwigenge bw'inziramakemwa y'abakunzi ba Repubulika bwadukanywe n'intwari z'i Bufaransa igihe bubimburiye ibihugu byose kwipakurura ubwami mu wa 1789. Ni uko nsanga nkikijwe n'intwari zabambiye za nyenzi za Hitileri nk'uko intwari z'u Rwanda zabambiye inyenzi za Kigeli.

Uko guhuza amarere namwe, Bafaransa, mwadukanye Repubulika mu nsi, mukanesha abayihigira bose, binyemeza ko abanyumva, n'aho baba baranabeshywe kugeza ubu, bafite amatwara bahuriyeho n'Abanyarwanda, bigatuma rero bashobora kubumva vuba, ndetse bakabashyigikira mu murego bashokanye wo kuzitira ubuhake bwa cyami, bucumbagirira ku maraso bavusha mu Rwanda no ku mpuha bamamaza mu mahanga.

Iyo sano mufitanye n'Abanyarwanda ndayibonera no kw'ishyushyu mufitiye kumva imvaho y'ibyo mwabeshywe, umuntu wese akaba yibaza ati : ubwo bunyenzi bwatangiye bute ? Bwigaragaje bute mu minsi mikuru ya Noheli n'iy'Ubunani ? Abanyarwanda barurimo bumvise iyo nduru bayihagurukira bate ? Imvaho y'itsembabwoko bitiriye Leta y'u Rwanda ni iyihe ? Umuntu yendeye ku matwara ya politiki iriho ubu yavuga ko imigabo y'iminsi izaza ikwiye kuba iyihe ? Ngibyo ibibazo abenshi mu banyamakuru bibanzeho. Ni na byo ngiye kugerageza gusubiza kandi nizeye ko muri bunyumve neza.

I. INTANGIRIRO Y'UBWICANYI BWA GATUTSI-NYENZI.

Kugeza mu wa 1959, u Rwanda rwategekwaga n'umuco wa gihake umuntu yagereranya n'uwigeze kuzonga u Burayi butarajijukira demokarasi. Uwo muco wari ushingiye ku matwara yo guharira ibigaganyare by'Abatutsi ubwikanyize mu butegetsi no mu mibereho myiza, Abahutu bagaherera ku buhake n'ubutindi, ari ibitiyo bya gashakabuhake. Ibyo kandi byari bishingiye kuri wa muzi uzingiye ku kinyoma : ngo Gatutsi kuruta Gahutu ni umurage w'Imana udateze kuvaho.

Ku wa 24 Yuli 1959, umwami Mutara agwa i Bujumbura, umurwa mukuru w'u Burundi, apfa adasize imbuto. Ubwo rero, mu muco w'igihugu, ingoma-cyami yari izimye, kuko umwami asimburwa n'umwana we gusa. Ubwo uwo yari asize ubusa, ingoma y'iwabo yagombaga kurangirana na we. Irangira ry'iyo ngoma kandi ni ryo rangira ry'umuco wa gihake, kuko isumbwe rya Gatutsi kuri Gahutu rishingiye ku mwami usimbuye se no kuri iryo hererekanyangoma. Ubwo rero ubuhake bwari burimbukanye n'uwabwoshyaga.

Muri uwo mwaka kandi amatwara ya demokarasi yari amaze kwamamara mu Rwanda. Ingabo za gashakabuhake rero zari zifite impamvu yo kwikanga ko ubwizimbe bwabo bwari bugiye kuzisenyukana. Ni bwo bigiriye inama yo gukora iyo bwabaga ngo babigarurire mu maguru mashya : umuco w'igihugu bawucamo icyuho, ingoma bayimika mwene se w'uwapfuye kandi kizira, kuko ngo bene uwo mwami yitwa ubucugane akazacurika u Rwanda. Uhagarariye Uburezi bw'Ababiligi abonye bamaze kumwimika apfa kubyemera. Ngo ushenye urwe umutiza umurindi.

Ntibabonye batsinze batyo barohoka, icumu bariterera ku kiganza bati : mu bakuru b'ingabo za Parmehutu ntihagire uwunamuka. Abenshi muri bo bicwa urupfu rubi n'izo ngabo z'inkora-maraso zoherejwe n'ibyegera by'iyo ngirwa-mwami wari wikubiye aho bitaga ingoro ye, rubanda rwari rutegereje Repubulika nk'umukiza rwahanuriwe rwaranze kumwemera.

Ubucamanza bw'Ababiligi bufata abashoje ubwo bwicanyi, ab'ingenzi bakatirwa kunyongwa. Amahanga na LONU bibasabira imbabazi ngo barekurwe, ngo none ahari ni byo byatera Abahutu n'Abatutsi kwigorora. Ariko ahubwo biba gukoza agati mu ntozi.

Mu wa 1961 kamarampaka irarukata. Bibariza rubanda intumwa z'abibumbye zihahagaze. Parmehutu itsindira amajwi arenga 80% y'abatoye. Ni ko gutsinda uruhenu. Impundu zivuga urwunge mu Rwanda hose, nawe Gashakabuhake ajiginywa. Ku wa 1 Yuli indepandansi y'u Rwanda iratangwa Parmehutu ari yo iyitsindiye. Umuco wa gihake wongera gukubitwa incuro utyo, nk'uko bisanzwe iyo ugize aho upfubirana na demokarasi.

KA02 1239

KA021239

Hagati aho abakuru ba gashakabuhake, babonye rubanda rubateye agati, bashyira nzira bajya kwuguruza amahanga. Ni ko kubwira bene wabo, birukanywe n'umujinya wa rubanda, bati : ntimwemere aho babatuje, ahubwo mudukurikire mu mahanga. Bari bimirije imbere kuzatabarukana umutsindo, inkota irisha, aho kumvikana mu mahoro. Nyamara ariko abenshi mu Batutsi bagikunze ubwami bihitiramo kuguma i Rwanda. Bamwe bari bafite imigabo yo kwemera Repubulika bakinjira mu nzego zayo, abandi -- batari benshi — bashakaga kuba ibyitso by'insenga-murwano zigundamye ku nkiko y'ibihugu bikikije u Rwanda.

Izo mpunzi z'insenga-bwami ntaho zitakubise zigambanira u Rwanda ngo ibihugu birukikije bihuze inama yo kurutera, ngo ejo Repubulika y'u Rwanda itazakongeza yo urumuri rwayo. Ariko, kubera ko hari y'ibyo bihugu byose byari byahisemo kwibera Repubulika na byo, byiyemeza ahubwo kwirukana abo batera-mpagarara, bikurikije Itegeko-Nshinga ry'Afurika yibumbye ribuza ibihugu byose by'Afurika gucumbikira abatera-mpagarara bashaka kurwanya igihugu baturanye.

Karyende iba ari yo inywana na Karinga, u Burundi bwonyine buba ari bwo bwemera kwivanga muri iyo migambi y'ihemberabwami ishyigikira gatutsi-nyenzi. Icyo iyo nkingi Gashakabuhake yatewe n'u Burundi cyaje kubyara ni cyo ngiye kubatekerereza.

GATUTSI-NYENZI YARATEYE, INGABO Z'IGIHUGU ZIMUSANGANIZA IMYAMBI.

Mu ijoro ryakeye ku wa 21 desembri 1963 niho inkora-maraso za gatutsi-nyenzi zateye ziyahura. Ubwo bwari ubwa mirongo itanu batera kandi igihe cyose bagakubitwa incuro ababo benshi baguye ku rugamba. Ubugundirizi bwabo ariko bubatera kwongera kuza kwiyahura.

Izo ndwanyi z'intutsi zifubitse ,izina ry'«impunzi» zitekeye mu BURUNDI. Ni ho inteko y'inkora-maraso, bakunda kwita inyenzi, yaturutse itera inkiko y'u Rwanda rwo mu majyepfo y'i burasirazuba. Bari bageze nko ku 3.000, bitwaje imbunda, imihoro, imipanga, amacumu n'imyambi isize ubumara. Baje rwombo nk'igisambo, nta we ubikeka, ijoro ribaha akabanga, bisuka ku basirikari bake bacu bari i GAKO.

Uko gutera batunguranye nk'igisambo kubanza kubahira. Mwumve na mwe igitero cy'abantu 3.000 kirwana n'Ingabo z'u Rwanda zitarenze 25 kandi kibatunguye. Nyamara ariko abasilikari bacu bararwana bisingira umuseke. Baganzwa n'ubwinshi, inyenzi zigaturira inkambi yubakwaga i Gako. Abahakoraga bashirira ku icumu, abasirikari bane barafatwa, bicwa urubozo n'izo nyenzi, naho abandi bakizwa n'amaguru, bikinga mu bihuru bategereje abaza kubatiza umurindi.

Bamaze gutsinda, aho babereye, kuva mu myaka itatu bari bamaze bigerezaho, bakomeza kogoga u Bugesera bagana i Kigali. Muri iyo nzira bafashwa n'Abatutsi b'i Bugesera barimo abari barahatujwe na Leta. Ari Abahutu ari Abatutsi, ari abagore ari abagabo, ari n'abana se, uwangaga gufata intwaro ngo abongere cyangwa ajye mu nkoma-kamo zibashagaye, barimwozagamo bakitambukira. Inzira yabo ni inkongi, ni ukwica no gusahura. Itegeko ribagenga ntirigira irya kabiri : gutuma rubanda rucura imiborogo ; kuko icyivugo cy'inyenzi ari Ruzirampuhwe.

Ingabo zacu zatabaranye ingoga, ziharwana , urw'umuziringano, zimaze kubakubita incuro umunsi umwe uzira uwa kabiri, zisigara zirarura intumbi zishwe urupfu rubi n'izo nyanga-Rwanda. Hari abo inyenzi zari zaciye amaboko cyangwa amaguru, hari abo zari zakuyemo amaso, hari abo zari zamennye umutwe zibakubita inyundo, hari abagabo zari zashahuye n'abagore zari zamennye inda. Abacitse ku icumu nibo babivuze imvaho, ureke ba bandi babohereereza ibihuha, mukabyamamaza mutazi ko ari ibinyoma. N'ubundi ga ijoro ryabara uwariraye ! Bavugaga ukuntu inyenzi zagize ababyeyi bemeye Repubulika zikabaca amabere, zikayagaburira abana babo n'abagabo babo. Bavugaga ukuntu abasirikari bacu bafashwe n'abo bagome bishwe urw'agashinyaguro n'uburyo abakobwa b'Abatutsikazi babakoreye ibiteye isoni. Nta n'uwatinyuka kubirondora atariye isoni nka bo.
Ubwo kandi abandi basirikari bari baziritswe ku mipira y'amajipi y'abo bagiranabi, uko umushoferi ayirukankana akagenda abakurura inzira yose. Bapfuye bahindutse nk'amashara.

Nyamara bamwe muri abo basirikari bamaze kubohorwa n'inkubito ya bagenzi babo batabaranye ingoga izo «ngirwa-mfura» z'abakobwa, zivanga ubugome n'ubutwenge, zikurikiza icyo zikurikiranye mu mitego ya kinyenzi ziza gushuka abo zahemukiye ngo biyunge bundi bushya, ndetse zikandira no ku ntumwa z'ubushinja-cyaha zari zigiye gusuzuma ibyabaye. Nta wakwirirwa asobanura ibyo izo nshinzi zageragezaga kubashukisha ; nyir'ukumva yamenye amarenga y'ayo magambo...

Igitangaza umunyarwanda utarugambaniye, ni uko amaradiyo n'ibinyamateka, bidahosha kuvuga agahinda bitewe na rubanda rwitabaye, bitagize icyo bivuga ku bugome bw'abo bagira nabi, nk'aho umwotsi ucumba ku nzu yahiye uba urushije ubugiranabi umuriro wayitwitse, cyangwa se nk'aho kwivugana uguteye ari byo bibi kurusha gutera utakwakuye. Uko gucurika amahame n'abantu bose, ukibasira kuzimya umwotsi wongera inkongi mu nzu ishya ngo aha urashaka kuyizimya byatera Umunyarwanda kwibaza niba ubwenge bw'abazungu buteye kimwe n'ubw'abirabura. Kuko, mu bwenge bwa kinyarwanda, ingirwa-bahanga z'abazungu zigeze kuvuga ko bucuritse, ushaka kuzimya inzu ishya, azimya umuriro uyitwika aho kurwanira kuzimya umwotsi uyicumburukamo. Iyo nzu mvuga ni ya midugararo iherutse kuba mu Rwanda. Umwotsi mwibasiye kuzimya ni umujinya rubanda rwahagurukanye rubonye rutewe. Umuriro ni bya bitero by'inyenzi byateye rubanda uwo mujinya mukaba ariko ari rwo mwibasira aho kwibasira nyirabayazana. Cyo re, nk'uko nabivugaga ko ibyari hasi byagiye hejuru, niba mu bwenge bwa kinyarwanda, umenya icyabaye urebye icyagiteye, niba umuntu wese afite uburenganzira bwo kwirengera iyo yasagariwe, umuntu yavuga ate ko ari ko bimeze mu buhanga bwa kizungu, kandi abanyamakuru bamwe bamaze gucurika ibyo Imana yacuruye? None se hari ugucurika ubwenge kwaruta guhishira cyangwa gushima ubugome bw'inyenzi bwasagariye Abaturarwanda, ukarengaho ahubwo ukibasira gusebya abo baturage baziyamye zibateye? Niba ari ubugira nabi mwanga, ntimwambwira impamvu yabateye guhishira inyenzi zashoje intambara, mugatangira gusakuza aho abaturage babereye nka ya ngwe itari izi gufata ku gakanu iyo itabibwirizwa?

Ng'icyo na njye ikibazo mbajije abifashe ku gahanga abanditsi b'amakuru bakadutuka. Ahasigaye reka twikomereze ibyo nabatekerereza.

Ni uko, icyo gihe inyenzi zicaga, zisa n'izihiga uwitwa umuntu mu karere zigaruriye, abapadiri ba paruwasi ya Nyamata — zahigiraga ko ari abera, umva ko ngo ari zo zitaziza umuntu ubwoko bwe — bahereye ko bahungira i Kigali. Ubwo ariko abo bavuza-nduru babaryaga isataburenge, kuko bari barangamiye kwigarurira umurwa w'u Rwanda. Ku iteme rya KANZENZE, ku ruzi rwa NYABARONGO, muri km 25 uvuye i Kigali, niho abari bateye batangiriwe n'Ingabo z'Igihugu.

Izo nyenzi bazisutsemo amasasu bazishora inkungugu, bugoroba bazigejeje hakurya y'u Rwanda, abenshi muri zo bagwa kuri urwo rugamba rw'i Bugesera.

Inyenzi zakomeje gukandira icyarimwe mu mpande nyinshi z'igihugu ziganjemo Abatutsi. Mu mitego yazo zari zateganije guterera icyarimwe inkiko zose, **kugira ngo mu misozi yose y'u Rwanda abaturage basubiranemo**, abategetsi bateterwe, abasirikari babure aho batabara n'aho bareka, maze izo nkozi z'ibibi zikubitireho gushumuriza amahanga abo zimaze gusagarira.

Mu Mutara, ahatandukanya u Rwanda n'u Buganda, inyenzi zigeze nko kuri 600,

KA02 1240

KA021240

zimaze kwihisha Leta ya Uganda, zitera ahagana i Rubirizi-Rwempasha. Zifata amajipi abiri y'Ingabo z'igihugu, abari bayarimo ariko baracika. Ntibyatinda, abasirikari bacu baratabara, bazinyuka-nyuka mu kanya kangana urwara. Inyinshi zigwa kuri urwo rugamba. Mu basirikari bacu hakomereka umwe. Yaje gupfa hanyuma azize ibikomere yakomerekejwe n'urufaya rw'amasasu zamurashe zimwukiye.

Mu Bugesera, ahatandukanya u Rwanda n'u Burundi, zongera gutera mu matariki ya 18, 21, 22 na 25 y'ukwa mbere, ziharanira kurimbura abaturage, ziturutse i Burundi.

Mu Bugarama, amajyepfo y'i burasirazuba bw'u Rwanda n'u Burundi, inyenzi zishyigikiwe na Leta y'i Burundi, zabuteye kabiri mu ntangiriro z'ukwa kabiri. Uwakoraga kuri gasutamo n'abarinzi b'imipaka babiri barahafatirwa, bicwa urw'agashinyaguro, naho mugenzi wabo, umututsi wahoze ari igisonga, hanyuma akajya mu byitso by'inyenzi Leta y'u Rwanda itabizi, yiyambukira umupaka ajya mu Burundi hamwe na bene wabo basutsweyo n'Ingabo z'igihugu. Yari amaze ariko kubaha inzira yo kurugeramo, kwica, gusahura no gusenyera rubanda.

Muri icyo gihe izindi nyenzi zitagira ingano — ari zo bajya bita «imbabare z'impunzi z'Abatutsi» — zacaga i Kibungo ku mupaka w'u Burundi ahateganye na Perefegitura zacu za Butare, Gikongoro na Gitarama. Uko guca i Kibungo kwari amayeri yo guhuzenza no gutatanya abasirikare bacu, ngo bajye kuba ari ho bazitegera kandi zishaka gutera ahandi. Zisanga ariko Ingabo z'igihugu ziri maso kandi uwo mutego zarawutahuye kera.

Ng'uko uko iyo migabo y'Inyenzi yo gukuba u Rwanda impande zose yakandagiwe n'ingufu z'abasirikari bacu, izo mbasha-rugamba zibyariwe n'umurindi w'umwaga-buhake mu Banyarwanda.

III. AKAGAMBANE K'IBYITSO N'UMUJINYA WA RUBANDA.

Reka noneho turebe ukuntu iryo tera ry'inyenzi ryari rigeretse ku bundi bugambanyi.

Umuntu yakwibanda ku bintu bine by'ingenzi:

• Icya mbere ni akagambane k'abakozi b'Abatutsi bahawe akazi muri Leta ari ukugira ngo yereke Abatutsi ko nabo itabanga. Ubwo bugambanyi bwagaragajwe n'ibimenyetso bya kamarampaka. Uretse ko izo nyanga-Rwanda zateranyije amafaranga yo kugurira inyenzi intwaro, zari zifite n'undi muco w'uburyarya, wo kwitwaza ubwiringire abakuru babafitiye, bagakwiza ubugambo bw'insenga-murwano muri rubanda kugira ngo bategurire Leta ya Gatutsi-Nyenzi, yagombaga gushingwa ku wa 1 wa Yanwari 1964. Bamwe muri abo bagambanyi ndetse bari baremerewe kuba ba Minisitiri b'iyo Leta-Nyenzi.

• Icya kabiri ni ukuntu itera ry'inyenzi ryibanze aho zashoboraga gusanga ibyitso by'Abatutsi ba gashakabuhake. Kandi rero koko ba rwica-ruhoze abo bababereye ibyitso.

• Icya gatatu cyabaye ni umwaku, ni uko inkuru yamaze gusakara mu gihugu yuko inyenzi zateye mu Bugesera, Abatutsi bamwe bakiri ba gashakabuhake barota ko basubiye ku ngoma, basinda umunezero, maze bakwiza inkuru ngo umurwa w'igihugu wafashwe n'inyenzi nabo ubwabo batangira gukangata, gukora rubanda ku itama no kubabwira ko Umwami aje kubamarira ku icumu. Nyamara ukuntu ba nyakwihemukira bari bamaze iminsi babanye neza n'Abahutu!

• Icya kane abanditsi b'amakuru birengagije ni uko inyenzi zafashijwe n'indiririzi z'abanyamahanga, ba gateranya-miryango babuhiriye namwe mutayobewe. Ba gica abo bahera ko basakaza impuha mu Rwanda no mu mahanga iwabo ngo mu Rwanda abaturage bakuke umutima naho mu mahanga abanditse b'amakuru ayo mahomvu bayasamire hejuru. Ikibabaje ni uko abanyamakuru bamwe bafatiwe muri uwo mutego, bakamamaza ibyo binyoma, bakabafasha batazi ibyo bakora.

Mu Rwanda icyo bene impuha bari bizeye si cyo zabyaye. Aho kugira ngo rubanda rukangarane, ruhindagare, rugonde akajosi inyenzi igateme nk'uko yabitekerezaga, Abahutu bumvise ubwo bugome bwabereye mu Bugesera, babona ko bagiye gusubira ikuzimu. Bibuka ingoyi ya Gashakabuhake, barora inkovu z'ibiboko n'ingoyi by'ingoma ntutsi, bibuka akazi n'ishiku, n'agasuzuguro, na «Nguriza umuhutu mwice sha», niko kuzinga umunya bati: ntitwaba ingafuzwa-muheto.

Uwo mujinya kandi icyakomezaga kuwukabura, ni uko uwahoze ari umucakara yari amaze imyaka isingira ine asogongeye ku buki bwa demokarasi, none uwo mugisha akaba agiye kuwunyagwa n'abo yemeye kwiyegereza, abitegetswe n'abamurwaniye ishyaka, none na bo bakaba bagiye gushirira ku icumu.

Batega-rugori b'i Bufaransa,
Bafaransa mwese munyumva,

Nimwibuke intambara ya ba sogokuruza banyu yo mu ka cyenda mu wa 1792 ingabo za Repubulika y'u Bufaransa zishyamiranye n'iza cyami zari ziteye ziturutse ishyanga aho zari zarahungiye demokarasi.
Nimwibuke uko mwarwanyije ingabo za Hitileri n'abagambanyi bazo, maze mumenyereho ubukana bw'uburakari Abanyarwanda bagiriye abafasha inyenzi z'inyanga-mubano. Inzira z'abantu zikunda gusa, bamwe basa n'abasubira mu zo abandi banyuzemo, kandi hose bateye kimwe, aho unyuze none hasa n'ah'ejo. Ibyo ba sogokuruza banyu bakoze mu wa 1789 ni byo Abanyarwanda bakoze mu wa 1959. Ibyo intwari z'iwanyu zakoze zirwanya ibitero by'impunzi z'Abafaransa mu wa 1792 n'ibya Hitileri by'ejo bundi ni byo intwari z'i Rwanda ziherutse gukora zizitira ibitero bya Kigeli iwacu twita Kigegera. Niba rero mutugaya ko twirengeye, nimubanze mwigaye, mugaye n'ababyaye. Mwavugije impuruza yo gutsemba ubuhake bwa cyami, maze tuyitabye muradutuka?

Nyamara ariko, niba mu midugararo yo mu myijima y'ukwa cumi n'abiri 1963 no mu mboneko z'ukwa mbere 1964, amahoro yarakomeje kubaho mu gice kinini cy'u Rwanda, Abatutsi ntibapfire gushira, n'ubwo byari biruhije bwose, ayo mahoro bayakesha ubutwari bw'abategetsi; bayakesha abarwanashyaka, abajyanama, ba burugumesitiri na ba perefe batari bagisinzira biruka imisozi ngo bapfapfanye. Bayakesha ba minisitiri bigabanyije za perefegitura uko ari icumi babwiriza rubanda gutuza. Bayakesha abapolisi b'igihugu bafashe abagambanyi n'abatera impagarara bakabashyikiriza cyangwa bakazabashyikiriza abacamanza ngo bahabwe igihano gikwiye abagambanyi.

Sinahakana ko hari perefegitura imwe muri izo cumi, ibyitso by'inyenzi byakabijemo gusesera muri rubanda no kurusembura, byamamaza imiburo, maze abaturage babonye ibyo izo ntasi zibakorera bikabarakaza, umujinya wabo ukabatera gukabya bitabara mu maguru mashya. Ni bwo ibyo byitso n'abatasi b'inyenzi bateye bisamiwe hejuru n'abanzi ba Repubulika, babivuga warabyiboneye ukabona ko basa n'abaca umugani. Ariko ubu umuntu wese amaze kumenya aho nyirabayazana aherereye. Izo nshoza-murwano ntizari ziyobewe ibya rubanda rwirengera ruzakora. Inyenzi zabigize zibizi. Umutego mutindi wica nyirawo.

Ikitubabaza ariko ni ukubona abavandimwe bacu b'Abatutsi bari bemeye Repubulika ariko bagafasha inyenzi ngo batagwa mu nkomati, maze bikabatera kwitererezа uburakari bw'abaturage. N'ubundi ngo abagabo bararya imbwa zikishyura!

IV. UMUTEGO W'ABACURA-BINYOMA.

Abahanga mu byo gutera impagarara, bayobora izo nyenzi, bahaboneye uburyo butagira uko busa bwo gukoresha ya mayeri yabo y'uburumira-habiri, amwe Hitileri yigeze kuvuga agira ati: umuntu nka njye aba nyamujya iyo bijya, akabeshya yumumirije, akivuguruza karindwi mu munsi ngo abone urubanza, abanzi be akabashinja icyo yikoreye ubwe cyangwa se ashaka gukora, maze akabatanga kuvuza induru avugisha ibinyamateka na za radiyo.

KA02 1241

KA021241

Abacura-binyoma ni bo bahimbye izo mpuha zitagira ihuriro n'ibyabaye, maze abavuga amakuru bakabyamamaza bazi cyangwa se batanazi umutego ubirimo. Ibyo ari byo byose ntibari babonye umwanya wo kubisuzuma ubwabo.

Inyinshi mu mpuha zitakigira n'akiyubaho k'amazigira-soni, zituruka i Bujumbura, mu murwa w'u Burundi, wigaruriwe n'abatware b'inyenzi kandi uzira urunuka Repubulika y'u Rwanda nk'uko hose bizwi. Ni ho abatware b'inyenzi bicaye, babandi banganya uburyarya n'ubuhanga bwo kwihoma abandi. Ni ho bagize inteko, ni ho babonye ibibafasha kwamamaza mu isi yose impuha n'ibinyoma bivanze no kwirarira. Cyo re, nimumbwire, umuntu yashaka kumenya ko umugore agira umutima maze akajya kubibaririza kwa mukeba we?

Ngiyo imwe mu masoko abanyamakuru bavomyemo, bajya kwamamaza ibyo bise «urupfu rw'Abatutsi batanzwe n'abategetsi b'u Rwanda cyangwa bakaba batakomakomye». Abo banyamakuru ntibavuze ukuntu gatutsi-nyenzi yateye n'abo yishe urw'agashinyaguro. Ariko bagera ku muturarwanda bagashya batanzitse. Impamvu ni iyihe? Iragaragara: ni uko kugeza ubu bumwise urw'umwe, mukeba wa Kanyarwanda ari we Nyakarundi inyenzi zakeje akaba ari we ubahora mu nsina y'ugutwi.

V. IBYO BITA MURIMBURA INYOKO-NTUTSI.

Ng'icyo icyatumye bimwe mu binyamakuru byo mu mahanga bitiha akabanga igihe bivuga «ibihumbi by'Abatutsi bagwa mu Rwanda buri munsi» n'amatwara ya Leta ya Kayibanda yo «gutsemba inyoko-ntutsi». Kugira ngo turebe aho ukuri guherereye, reka dusesengurire hamwe ibyo abo banyamakuru bavuze batagize n'intanga-mugabo bagerekaho.

Hari ibinyamateka n'amaradiyo yishakira amakuru y'inshamugongo byavuze ko mu mahanga hari impunzi z'Abatutsi 150.000 n'uko kuva aho imidugararo yatangiriye hagenda hapfa Abatutsi 8.000 buri munsi. Iyo nkuru kandi yavuzwe ukwezi kwa mbere kujya gushira. Umuntu abishyize mu mibare agasanga rero hamaze gupfa Abatutsi 320.000.

. Nyamara mbere ya novembri 1959, Abatutsi bose hamwe bari nka 350.000. Uwakuramo 150.000 byimukiye mu mahanga hasigara 200.000. Niba rero ukwezi kwa mbere 1964 kwarashize twishe Abatutsi 320.000 ni ukuvuga ko kuva muri desembri 1963 kugeza muri Yanuari 1964 twaremye Abatutsi 120.000 bo kwica... Dusigaye ga turusha Imana gukora ibitangaza!

Ibindi binyamakuru biyakura i Bujumbura, iyo soko itavomwamo ibirohwa da, havuzwe imibare yivuguruza ubwayo: bivuga ko hapfuye «Abatutsi 60.000; 18.000; 16.000; 10.000 bari bemeye Repubulika». Naho umuvugizi wa Leta-Ndundi, urusha abandi kureba no kujijukirwa n'ubumenyi bw'isi, avuga ko hari intumbi z'Abatutsi 8.000, Abahutu bajugunye muri Nyabarongo, intumbi zabo bazireba mu ruzi rwa Rusizi. Nyamara hagati ya Nyabarongo iyo na Rusizi hari imisozi miremire igiye urunana bita impinga ya Kongo-Nili. Maze se izo ntumbi zageze zite muri Rusizi? Zabanje se guterera impinga Nyabarongo iturukamo? Ahari aho ga Perezida Kayibanda yategetse amazi y'isoko ya Nili guteshwa inzira igana inyanja ya Mediterane kugira ngo abanze ageze intumbi z'Abatutsi mu ruzi rwa Kongo na rwo ruzazishyikirize inyanja ya Atlantika! Icyo se si igitangaza cy'uburumira-habiri?

Nyamara ariko icyo gihe intumwa z'ubushinja-cyaha bw'i Bujumbura, ... yapfa gukeka ko zo zavuga imvaho, zemezaga ko zoherejwe na Leta-Ndundi gukora anketi neza, zikabona intumbi 7 gusa: Umuntu se yakwemera ibihe: ari ibivugwa na Radiyo y'inkwiza-rubwa ari n'ibivugwa n'Ubucamanza bw'i Burundi?

Ubwo imidugararo imaze gushira, rubanda bakaba bamaze gutuza, umuntu yashobora kugera ku mibare icishiriza ukuri. Hari abantu benshi bari baciriwe urupfu none baraboneka ku mugaragaro. Urugero nabaha ni ba Bwana Rugira na Gitera, Radiyo y'i Burundi yari yaketse ivuga ko babonye intumbi zabo muri Rusizi. Nyamara icyo gihe Gitera nta n'icyamuhungabanyaga, yari yibereye mu matafari ya ....
Rugira twari kumwe mu Nteko Nkuru y'Amategeko tujya impaka. Hahise akanya mbona aje kwibika ambwira ko yapfuye Leta y'i Burundi igatora intumbi ye muri Rusizi. Ingero ni nyinshi zimeze nk'izo. Nakomeza kuzirondora bwakwira bugacya.

Aho amahoro agarukiye, Inyenzi zimaze gutsindwa ruhenu, bashoboye kubarura abapfuye bagera ku mubare wenda kugera kuri 870. Mu mibare ihinnye umuntu yavuga ko hapfuye abantu igihumbi. Ahari aho uwo mubare nturi bwemerwe, kuko atari inkuru y'insha-mugongo.
None se ko ibinyoma bikwekwetuye ari byo bisigaye byarahwe intebe!

Ibyo ari byo byose, n'abo dusanga ari benshi cyane, iyo twibutse ko abo bantu bari bafite uburenganzira bwo kwiberaho, kandi rero baba bakiriho iyo abatware b'inyenzi badashyigikirwa na Leta-Ndundi ngo bakomeze guhonga bene wabo ngo babone ibyo baregesha Repubulika y'u Rwanda. Erega n'ubundi ngo umukunzi w'impyisi niwe irya mbere!

VI. IBYO BISE AMARERE YO GUTSEMBA INYOKO-NTUTSI.

Naho ibyo bise amatwara yo «gutsemba inyoko-ntutsi», nta n'uwakwirirwa abikurikirana mu mvugo y'ababyamamaje kuko bose bihaye kubivuga nta n'intanga-mugabo bageretseho. Umuntu yabaha igisubizo kibakwiye atiriwe azimbûra.

Icyabibemeza ko ari impuha ni uko mwaba mwariboneye ubwanyu umwete abategetsi ba Repubulika bakoranye kugira ngo barengere amahoro yari amaze gukangwa n'itera ry'inyenzi ziheruka. Ni uko mwajya kwirebera ubwanyu icyo uwo mwete wabyaye: Mwasanga amahoro . aganje impande zose. Mwasanga abari bahungiye muri za paruwasi baragaruwe iwabo bakaba babanye neza n'abo bahoze baturanye na mbere. Mwakwibariza ingano y'imfashanyo zitabarika zatanzwe na Leta y'u Rwanda n'amahanga ngo zitabare izo mbabare z'Abahutu n'Abatutsi. Mwakwirebera ukuntu abaturage b'amoko yose babanye, ari mu migi ari no mu byaro, ari muri Leta ari no mu mibanire y'abaturage ubwabo. Ariko yenda bene ibyo bintu by'imvaho ntibyamara bamwe agahinda kuko bitarimo umwiyamamazo uhagije n'inkuru y'insha-mugongo.

Kugira ngo mbamare agahinda, noneho reka twigane imvugo ihanze, turebe ibyo Leta ya Repubulika yakoresheje kugira ngo igere ku cyo bise politiki y'«inzira-bwoko kandi y'insemba-batutsi». Byaba byiza ariko tubanje kugerereranya ubutegetsi bwa gitutsi-gihake bwa kera n'ubwa demokarasi ya Repubulika bw'ubu mu byerekeye isumbanya ry'amoko ngo turebe inzirabwoko z'ukuri aho zihereye.

Politike y'insumbanya-moko mu butegetsi bwa gashakabuhake.

«Mu bihugu bitegekwa cyami cya gashakabuhake by'u Rwanda n'u Burundi, imibanire y'abantu mu bya politiki yari ishingiye ku cyemezo cy'ubusumbane budasubirwaho bw'abantu. Abategeka bagafata abategekwa nk'abana, abategekwa nabo bakumvira nk'ibitambambuga. Abategekaga banenaga abategekwa, bavuga ko babarusha ubwoko kuko babaga ari abo mu muryango w'Abatutsi... Twabonye ko u Rwanda rugizwe n'amoko atatu (Abahutu, Abatutsi n'Abatwa). Hari ubusumbane burebure mu ruhare buri bwoko bwari bufite ku butegetsi. Ubwo busumbane bwari bushingiye ku mvugo yemeza ubusumbane bw'ubushobozi abantu bavukana... Niba Naka w'Umuhutu ari umunyabwenge akaba n'intwari kimwe n'Umututsi, ntibyamubuzaga kuguma uko yavutse. Icyo barebaga si ukugira ubushobozi n'ubutwari bw'umuryango usumbye indi, ahubwo kuwuvukiramo ni byo byari bifite agaciro. Ibyo byabaga bihagije kugira ngo umuntu abone uruhare rusumbye urw'abandi kandi agire uburenganzira butagira ihuriro n'ubw'abavutse ahandi».

Ubwo bukomajuru bw'ubwoko-tutsi bwibwira ko buruta ubundi bwose kuko Imana yabahaye kamere ihatse izindi,

KA02 1242

KA021242

tubusanga mu mico ya gihake yose. Umugabo natanga ni aya mabango nkuye mu gisigo Singayimbaga yahimbye mu wa 1870:

« Ubwami bugira ubwoko, bwoko bw'Imana!
Rurema yaragutoye iguteramo imizi y'ubutegetsi!
Ibyihuture bitaremanywe ubwo burenganzira bw'amavuko
Iyo Ntore yahiriwe yabimariye ku icumu
Kalinga itamiriza amashahu yabyo...
Imigisha y'ubwami izingiye ku nzu yawe, wowe Muhire!
Amahanga yose yahogojwe n'ubupfakazi yayateye.
Yayatsembeye abami, ingabe ze zitamiriza amashahu yabo!
Agahinda k'ingabo zabo se si yo mahirwe y'ingabo ze?».

Igihe Abahutu n'Abatutsi baburaniye i Nyanza mu rubanza rwamamaye rwo mu wa 1959, abagaragu bakuru b'ibwami bavugiraga bene wabo, hari itangazo rikomeye bohererejе Inama Nkuru y'Igihugu, yari intutsi kimwe na bo. Bamaze kuvuga ko uburenganzira bw'Abatutsi bwo kwiharira ubutegetsi bushingiye kuko ari ibikomajuru na bo Abahutu bakaba ibikomataka by'ingaruzwamuheto, barakomeza bati:[2]

« Ubwo ari uko byari bimeze kugeza ubu, umuntu yakwibaza aho Abahutu bashingiye baka umunani mu bya Kanyarwanda.
Abagabana iminani ni abafitanye isano. Kandi rero isano yacu, twebwe Abatutsi n'Abahutu, ishingiye ku buhake, kuva kera kugeza ubu. Nta buvandimwe na busa rero dufitanye n'Abahutu...
Ubwo abami bacu bigaruriye ibihugu by'Abahutu, bamaze kwica abahinza babo, bagahaka Abahutu, ubungubu abo Bahutu bashobora bate kwiyita abavandimwe bacu3».

Umutwe w'ishyaka ryitwa Lunari, wari uteraniwemo n'ingufu zose za gashakabuhake kandi ukiyita uw'Abashyirahamwe b'u Rwanda ngo ukunde wemerwe, wabaye ugishingwa wandika mu Itegeko-Nshinga ryawo aya mahame yabo y'insumbanya-moko ngo:

« N'ubwo u Rwanda rugizwe n'abantu bafite agaciro gasumbanye cyane bwose kandi bikaba bidakwiye guha agaciro kamwe umutindi w'igicucu (umuhutu) n'imfura ijijutse (umututsi); n'ubwo itora rya rubanda rose rizatuma injiji nyinshi (abahutu) zijya hejuru y'abanyabwenge bake (abatutsi), kwima Abahutu n'Abatwa uburenganzira bumwe (mu magambo) ariko wihutire gupfukirana ubucucu n'ubugambanyi bw'iyo nyoko (abahutu) itarusha inyamaswa ubwenge.»

Dore mu magambo make icyo iryo hame ry'insumbanya-moko ryari ryarabyaye mu Rwanda:

— Abatutsi ba gashakabuhake bari barishe iyo mbaga y'Abahutu urupfu n'agashinyaguro.
— Abahutu ntibagiraga ubahagararira mu nama z'ubutegetsi zashyizweho n'ubutegetsi bw'Ababiligi.
— Abahutu ntibagiraga ubahagararira mu nzego zose z'ubutegetsi bw'igihugu.
— Abana b'isuka, bene Gahutu, ntibagiraga uburenganzira bwerekeye ibya politiki, kuko ngo batashoboraga gutegeka kuko baremewe guhakwa.
— Abahutu bazizwe n'ubuhake ntibagiraga uruhare na busa ku bucamanza, kuko ngo nta bwenge bwo guca imanza bagira.
— Abana b'Abatutsi bari bihariye amashuri yisumbuye n'amakuru, umuhutu agasora ariko umwana we agahezwe mu mashuri.
— Imfura ntutsi nizo zari zihariye amasambu n'ibikingi kandi Gahutu ari we wakonze ishyamba.

Abatutsi se ko bari bamaze kwikubira ubutegetsi n'amasoko yose y'ubukire bw'igihugu, Umuhutu w'umukama-suka we yari asigaye ku ki? Icyo yari asigaye na we yihariye ni bwa buhanya bwavuzwe na Villon na Grégoire ngo *« Abatindi umunani wabo ni imvune n'ubwinazi».*

Ngicyo icyo ibyo bigaganyare byakoze. Ubu biribuka ijuru byahanuweho, umujinya wabiterura bikaturega icyaha byakoze: politiki y'insumbanya-moko. Reka turebe niba ikirego cyabo gifite ishingiro.

Ubutegetsi buriho ubu bwanga uburyamirane mu moko.

Ushaka kumenya politiki y'igihugu, agomba kwitegereza ingingo z'ingenzi zizingiye mu Itegeko-Nshinga ryacyo. Tumaze kubona ko ubwiru bwa Leta ntutsi yari ishingiye ku muco wa gihake bwemezaga ko Gatutsi yaremewe kuruta Gahutu; ariko iyo uroye Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ryaturutse ku ntambara abayobozi babonera abaturage barwanye bakotanira kwishyira ukizana, ubudasumbana n'ubuvandimwe bw'Abanyarwanda bose, usanga ryibanda cyane cyane ku ngingo ziteye nk'izi:

«Umuntu ni inzira-karengane ku giti cye. Arengerwa na Leta.
Umuntu wese afite ububasha bwo kugaragaza imimerere ye n'ibitekerezo bye, apfa gusa kutagira uwo arenganya, cyangwa se ngo ahungabanye umudendezo wa rubanda no kudaca ku byo amategeko Abaturage bose bafite uburenganzira bwo kureshya imbere y'itegeko bidashingiye ku nkomoko, ku bwoko, ku ibara ry'umuntu, ku gitsina cyangwa idini.
Ubwizimbe bushingiye ku moko buraciwe, kandi ntibushobora gusubizwaho.
Nta n'ubundi busaba, ubwo ari bwo bwose, bushobora gushyirwaho. Umuco wose wa kija uraciwe, ntushobora no gusubizwaho.
Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho, bwo kwishyira akizana, bwo kudahohoterwa».

Ntihabura ugira ati: imvugo si yo ngiro, kuko ibyanditse mu Itegeko-Nshinga bitabuza Leta ya Kayibanda kugira ubwoko yanga no gushaka gutsemba igitsina-tutsi. Reka turebe ishingiro ry'icyo kirego.

Ushaka inka aryama nka zo...

Utsemba abantu abatsemba ate?

Kugarura mu gihugu cye impunzi z'Abatutsi 178.000 nyuma y'imidugararo yabanjirije ubwigenge n'abandi 9.600 bari bahunze itera ry'inyenzi riheruka, ni ko gutsemba Abatutsi Leta ya Kayibanda iregwa?

Utsemba abantu abatsemba ate?

Kurengera impunzi ukaziha ibizitunga by'amoko yose ugereranyije ububabara bwazo n'ubukungu Leta ifite nk'uko byagenze mu gihe gishize ni ko gutsemba impunzi z'Abatutsi abategetsi ba Repubulika y'u Rwanda baregwa?

Utsemba abantu abatsemba ate?

Gutegeka rubanda rw'Abahutu rwo mu misozi kubakira Abatutsi hutihuti basenyewe na bene wabo b'inyenzi n'ibyitso byazo ni ko gutsemba Abatutsi Abahutu bavugwa?

Ushaka inka aryama nka zo...

Utsemba atantu abatsemba ate?

Gukuraho uburyamirane bw'abaturage bwari bwarashyizweho n'ubutegetsi bwa karande ku gihe cy'ubuhake ni ko gutsemba Abatutsi turegwa? Na none umwana wihariye imbehe iyo bamubwiye gusangira n'abandi abona ko bamwishe.

Utsemba abantu abatsemba ate?

Kudendeza amahoro abantu bakishyira bakizana, gutuma abantu bose babona uruhare rubakwiye, kubahiriza ubuvandimwe bw'abaturage bose utibanze ku kantu aka n'aka, bikamara umwaka n'igice kuva aho ubwigenge bugereye mu gihugu; gukomeza ayo matwara igihe cyose Leta-Ndundi itashyigikiye inyenzi ngo izitere inkunga yo kwiyahura zibeshya ngo ziratera, ni ko gutsemba Abatutsi Leta ya Kayibanda iregwa?

Ushaka inka aryama nka zo...

Utsemba abantu abatsemba ate?

Gutora ba burugumesitiri mu Batutsi, gushyiraho abakozi bakuru n'abato ba Leta,

1. Iki kinyarwanda ni igihindurano cy'icyo gisigo cyatangajwe mu gifaransa.

2. Iryo tangazo turifite mu gifaransa. Aya magambo rero ni amahindurano y'igifaransa mu kinyarwanda.

KA02 1243

KA021243

b'Abatutsi, gusanga mu biro bya Leta abakozi b'Abatutsi bageze kuri 40% by'abakozi bose b'igihugu kandi Abatutsi bose batarenga 14% by'abaturage bose ni ko gutsemba Abatutsi? Ubwo tugawa kuba twarahaye akazi Abatutsi bangana batyo kandi twarabatsinze, ahari aho iyo tubirukana ababasubiza aho bari baradushyize niho twajyaga gushimirwa ko tudashaka kubatsemba.

Ushaka inka aryama nka zo...

Utsemba abantu abatsemba ate?

Uwanga Abatutsi abanga ate?

Kureba ubuyobozi bw'Ubushinja-cyaha ukabushinga Porokireri w'Ikirenga w'Umututsi ngo ajye ashyikiriza umugome wese abacamanza b'u Rwanda bagwiriyemo Abatutsi, ni ko gutsemba Abatutsi Leta ya Kayibanda iregwa? Leta y'u Rwanda yibasiye inyoko-ntutsi, iteranya amoko ngo Abatutsi bashire maze irarenga ireba Umucamanza w'Ikirenga w'Umututsi iba ari we ishinga kuyobora abagenewe guhanisha abaciye kuri iri tegeko ryashyiriweho kurwanya abateranya amoko ngo:

« Umuntu wese uzagaragaraho ko yanze undi amuhora ubwoko cyangwa inzu akomokamo, cyangwa se uzagira icyo akora gishobora gutera bene izo nzangano z'amoko azahanishwa gufungwa iminsi iva ku kwezi ikagera ku mwaka n'ihazabu itarenga amafaranga 3.000 cyangwa se kimwe muri ibyo bihano? »

Ushaka inka aryama nka zo...

Utsemba abantu abatsemba ate?

Leta ya Repubulika yatoye Abatutsi ishyira mu bapolisi, itora abandi ishyira mu basirikari, umwe muri bo amaze kugororerwa kuba kapiteni ukurikira komanda w'Ingabo z'igihugu kubera ubutwari yerekanye ahinda ibitero bya gatutsi-nyenzi. Ubwo se Leta ya Repubulika ni ko yashatse kumara Abatutsi ibicisha bene wabo bari mu bapolisi n'abasirikari?

Ushaka inka aryama nka zo...

Leta ya KAYIBANDA yashatse ite gutsemba inyoko-ntutsi kandi ikarenga yajya kuyihera urubyiruko amashuri ikarukurira inyuma?

Mu mashuri yisumbuye hari Abatutsi 30% n'Abahutu 70%; mu mashuri makuru hari Abatutsi 70% n'Abahutu 30%; nyamara mu baturage bose Abatutsi ni 14% ku Bahutu 85%. Umva ako karengane!

Yenda hari uwagira ati: ubwinshi bw'Abatutsi mu mashuri makuru babuhawe n'uko atari Leta y'u Rwanda itegeka ayo mashuri. Namusubiza ko hafi ya bose muri abo banyeshuri, bishyurirwa n'amafaranga ya Repubulika cyangwa ayo Repubulika ihabwa n'intwererano ihabwa n'ibihugu biyikunda.

Nabasubiza ko Universiti y'u Rwanda yatangiye i Butare (ahahoze hitwa Astrida) mu kwa cumi k'umwaka ushize yatangiranye abanyeshuri 51, barimo Abahutu 25 n'Abatutsi 26. Ng'uko uko Repubulika y'u Rwanda isumbanya amoko.

Ingero zimeze nk'izo ntizigira umubare. Ariko ubwo bupfura bwa kibyeyi bubabarira aho guhora Leta n'abaturage b'u Rwanda bagira ntibabushimwa. Ahubwo abagiriwe iyo neza ni bo babitura kubabeshyera, kubateza urubwa no kubagambanira.

Nyir'amatwi yo kumva arumve: urengera inyenzi ntazibagirwe ko inyiturano azitezeho ari bene iyo. Inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo.

VII. REKA DUSOZE TUREBA UKO UMUNTU YATEGANYIRIZA IMINSI IZAZA.

Umaze kumva ibi na we yareba icyo akwiye kubikuramo. Dore jye uko mbibona:

Mu minsi yashize, mu Rwanda habaye imidugararo ibabaje kandi ikomeye, itewe n'ibitero by'inyenzi-ntutsi. Abihaye kubivuga no kubisobanura babivuze uko bitari, bakabyoshywamo n'inyota bafitiye amakuru atangaje; maze ba bahanga mu itera ry'impagarara bakaboneraho kugira ngo bakurikize ya nzira y'uburumira-habiri, bagashuka amahanga atazi imvaho kugira ngo bayakamishe, bakaba intumwa z'inkwiza-binyoma kandi no kuba barariye isoni bikabaha uburenganzira bwo kuvuga icyo babonye cyose cyatuma bemerwa n'ababumva.

Ubu ngubu imidugararo yarahosheje. Tubikesha umwete n'ingoga abategetsi ba Repubulika babishyizemo. Ariko abagome nyabo, ba nyirabayazana, abatware b'izo nyenzi bashyigikiwe na Leta y'i Burundi, barakomeza kwamamaza mu mahanga ko Abatutsi bo mu Rwanda bari mu kaga, kugira ngo nibabona ayo mahanga abitayeho babone icyo bitsitsaho bajya kongera guteza indi ntambara ubu bategurira i Burundi cyangwa ahandi. Iyo nzira yose kandi intwaro yabo ni ubugambo, ni impuha ni ingumba y'ikinyoma.

Aho rero ni ho umuntu wese wavutse neza, ukunda ubutabera, agakunda amahoro no kunga abantu aho kubateranya, akwiye kureba uko iminsi izaza ikwiye guteganyirizwa. Abapfuye twese turabaririra, ariko iyo si impamvu yo kuzabakurikiza abandi. Niba amahanga rero akomeje gushukwa akarengera ubugome bw'abo bagira-nabi, aho kubacamura nk'abamaze kubamenya bose, byatuma iminsi izaza yarushaho kuba mibi, kuko ubabariye abagome aba abaye nk'uboshya kongera kubyutsa iyo midugararo iduteye intimba twese.

Ikiruta ku muntu ukunda Abatutsi by'ukuri, ni ugushaka inzira yo gutambamira ubwo bunyenzi ababyeyi bagize indahiro. Kandi rero iyo nzira ni imwe rukumbi: ni ukurangiza rwose ikibazo cy'izo mpunzi z'Abatutsi, kugira ngo zibone aho zitura kandi zitunganirwa. Aho batura ni habiri bakwihitiramo: hari ukugaruka mu Rwanda, ariko bamaze kuva ku izima batazanywe no kurugaruza umuheto; hari se kubatuza burundu mu bindi bihugu by'Afurika, ahategereye u Rwanda, ahantu batabona uburyo bwo kongera kuza kurwiyahuraho.

Uwo muti — wo kubagarura mu Rwanda mu mahoro cyangwa kubatuza mu mahanga burundu — waba nyawo habonetse ibintu bibiri nakwita simusiga:

- Icya mbere ni uko Leta y'i Burundi yareka kubafasha no kuboshya ibaha aho bigira imyitozo yo kurwana cyangwa ibatiza inzira zo kwamamaza ibinyoma byabo;
- Icya kabiri ni ugutambamira abatware babo mu burara bafite bwahimbye ubwo bunyenzi kandi bukaba bukomeza gushuka impunzi. Bazihinduye ingabo yabo ya politiki kuko ari yo yonyine basigaranye, bazibuza kugira undi muti bemera wabavura akaga barimo, atari ugusubira ku butegetsi bya kiboko. Baribarira bibeshya. Aho demokarasi yageze ikahatsimburwa n'ubuhake ni hehe mu Rwanda hakaba aha kabiri?

Igihe cyose Abatutsi bataranywa uwo muti wo kubarutsa ubunyenzi, ibyo bitero by'inyenzi bizahora ari Rwamukire yo gutsemba Abatutsi, yo guhungabanya amahoro no kubuza amoko atuye i Rwanda kuzagira ubwo yumvikana. Ariko ubwo bunyenzi buramutse buvanyweho ubutagaruka, abategetsi ba Repubulika bakwereka amahanga imihigo yabo yo kuboneza mu Rwanda ubwumvikane butagira amakemwa bw'amoko yose arutuye.

Sinarangiza ntasabye abashinzwe kumenyesha rubanda amakuru, gukurikiza amatwara basanganywe yo gushyira imbere amahoro mu bantu, bagaha u Rwanda umusanzu wo gutsemba ubunyenzi busiga ye ari bwo nkomyi ibuza Abahutu n'Abatutsi gusabana batishishana.

Niba ibyo amahanga yabeshywe ku itera ry'inyenzi riheruka bikomeje gutuma ayo mahanga azibabarira, akaba yazitiza imigabo yo kongera kuza kwiyahura, bizagira inkurikira iteye ubwoba ikazazihama hamwe n'abazoshya. Naho nibituma iyo nkeke y'ubwiyahuzi bw'impunzi ishira burundu, bizaba bigaruriye Abanyarwanda bose, cyane cyane Abatutsi, amahoro atazagira ikiyahungabanya. Ayo marere yo gushoza intambara agifitwe n'Abatutsi b'impunzi ni yo nenge nyina w'izindi, ibuza abantu kwishyira bakizana, igakanga ubudasumbana n'umuco wa kivandimwe Abanyarwanda bahuje n'Abafaransa.

Parisi, ku wa 3 marsi 1964
Perezida w'Inteko Nkuru y'Amategeko,
Anastase MAKUZA.

KA02 1244

PLAN NA STRATEGIE INYENZI ZATEGUYE GUKORESHA ZIFATA UBUTEGETSI MU RWANDA.

TUMENYE IMIGAMBI Y'INKOTANYI TUBONEREHO KUZIRIKANA UKO TUZAZITSEMBA BURUNDU

INZIRA/UBURYO BWO KURWANYA UMWANZI (RESISTANCE STRATEGIES)

KA021244

Impamvu twiga iyi nyigisho.

Icya mbre na mbere ni uko Abanyarwanda dufite umwanzi. Kugira ngo twibohore ni uko tugomba kurwanya uwo mwanzi. Tugomba kandi no kumenya uwo mwanzi tukabona kumurwanya. Iyi rero ikaba ari yo mpamvu tugomba no gusesengura uburyo ubwo ari bwo bwose bwatuma twivana mu kaga.

Uwo mwanzi ubundi ndetse akunze kuba umwanzi rusange urwanywa na abarwanashyaka ku isi yose. Akaba ari wa wundi bita Runyunyusi (impérialiste) n'abagaragu be, ari bo mbega bamutwarira imisozi (nk'u Rwanda n'ahandi). Abandi rero nibo badindiza amajyambere muri ibi bihugu bakaba ari bo bazanye n'izindi ngorane zose duhura nazo nk'izi zikurikira:

i) Ubukene
ii) Ubujiji
iii) Ivangura ry'amoko n'uturere n'ibindi... Inzira rero yanyurwamo kugira ngo tugere ku mugambi wo kwikura mu bakandamize nk'ubu igomba kuba ari inzira nyayo yatugeza ku rwego rwo gukemura izi ngorane burundu.

Iyo nzira nyakuri igomba kuba yakemura izo ngorane kuvana mu mizi kugeza mu bushorishori; ni ukuvuga ko ikemura ingorane kuva aho itangiriye kugera ku ihererezo. Ingorane igomba gukemurwa kuva ku mano kugera ku musatsi.

Buri nzira (strategy) igenda igeraho mu bice. Ni ukuvuga ko inzira igira byinshi bidahuye (cyane iyo ari inzira ndende) akaba ari yo mpamvu igendwa mu bice. Igice giterwa n'ahantu, ingorane ziriho (Prevailing-conditions) n'uko igihe kimeze. Urugero ni nk'uko umuntu avuka agakura anyuze mu nzego nyinshi; umwana abanza gukuruza inda, yavaho agakamba-kamba yagera aho agahaguruka bityo kugeza igihe akurira.

N'inzira yo kurwanya umwanzi igira inzego icamo kugira ngo izagere ku gukemura ingorane z'abantu. Inzira igirwa n'inzego; inzego (compaigns) nazo zikagirwa n'intambwe (tactics). Urwego rwaba ari nk'uko wakemura ikibazo kuva ku kirenge kugeza mu mavi; cyangwa se urwego umwana anyuramo kuva avutse kugeza ahagaruka. Ni ukuvuga mbese ko ari ugukemura ingorane kuvana kuri «A» kugeza kuri «G» cyangwa se kuva kuri «G» kugeza kuri «M» bityo kugeza ubwo byuzuza inzira nyayo.

Urwego narwo rugirwa n'intambwe (compaing comprises tactics). Intambwe yo rero yaba ari nko gukemura ingorane kuvana ku ino kugeza ku gatsinsino cyangwa se intambwe iri hagati yo gukambakamba no guhaguruka (ku mwana). Na none rero ni uko gukemura ingorane kuvana kuri «A» kugeza kuri «B», cyangwa kuvana kuri «B» kugeza kuri «C» bityo...

Inzira yose ari yo ikozwe n'ibi byose igomba kuba ari uburyo bwo gukemura ingorane kuvana kuri «A» kugeza kuri «Z» mbese gukemura ingorane burundu.

Inzira na zo ni nyinshi bikaba byaba na ngombwa ko abarwanashyaka batoranya inzira nyakuri iboneka ari uko abarwanashyaka biyumvisha ingingo zose za ngombwa. Izo ngingo ni nk'izi zikurikira:

1) Hagomba kuba hariho impamvu (ingorane) nyakuri ari zo zivamo imigambi y'abarwanashyaka. Izi ni nk'ubukene, ubujiji, inzara, kudindira mu majyambere n'ibindi... (presence of objective conditions)
2) Rubanda nyamwinshi n'abarwanashyaka. Bagomba kuba baharanira ukuri kandi bacishije mu kuri bitari uguhubuka cyangwa ubusazi.
4) kumenya igihugu imbere n'inyuma; ni ukuvuga kumenya imisozi, ibikombe, ndetse n'imigezi (amazi) naho ibi bitari.
5) Abarwanashyaka bagomba no kumenya igihe bagezemo n'ukuri kwacyo (understanding the situation).

Abarwanashyaka bo imigambi yabo ntiba kongera guhindura ingoma gusa (kuvanaho Leta). Ahubwo baharanira guhindura ubutegetsi bubi; gukuraho akarengane, imibereho mibi ya rubanda nyamwinshi, no kugera ku ntambwe idasubizwa inyuma — nko guharanira demokarasi nyakuri.

Umwanzi wacu na we (agizwe **n'abasirikare, police na ba maneko**) **agomba gusimburwa n'ingabo ziharanira abaturage (pro-people forces).**

Hariho inzira nyinshi zo kurwanya umwanzi. Ni inzira ki muri izi zikurikira yatubera ingirakamaro?

1) **Inzira zitavusha amaraso:** — (Non-violent methods)

Izi ni inzira zigenewe kugeza abarwanashyaka na rubanda nyamwinshi ku ngingo yo kwigaranzura umwanzi, hatabayeho kuvusha amaraso.

Izi nzira zirimo amahara kwinshi:

a) Imyigarabambyo (strikes, demonstrations, and boy-cotts) uku ni ukwanga amategeko asanzwe (kwidima) kwa rubanda nyamwinshi nk'abakozi n'abanyeshuri.
Urugero ni nk'ibyakunze kuba muri Afrika y'epfo (S.AFRICA) nko kugera muri za 1960: Ahitwa Shaperville habaye imyigaragambyo ikomeye iyobowe n'abategarugori baharaniraga ko abagabo babo bakora bataha mu mago. Icyo gihe hapfuye abantu benshi bitewe n'uko Leta itari ibyishimiye.

b) Kwidugumbya (Insurrection). Ibi na byo bisa nko kwidima uretse ko byo bishobora kuba bishyigikiwe na rubanda nyamwinshi — abakozi, abanyeshuri, abasirikari, police ndetse na rubanda rugufi (masses). Ukwidugumbya kwo gushobora kuba gufite ishingiro ndetse gushyize hamwe; gufite abayobozi, imigambi nyakuri, no kwigishwa guhagije.

Rubanda nyamwinshi bashobora kuvana ho za Leta ndetse bagashyiraho izo bishakiye. Umudugumbano uba ufite amaboko aturutse mu nzego zidahuje (Almost all classes) ingero ni nka: Russia (1917) Zanzibar, Congo, Burma n'ahandi.

c) Demokarasi y'itora. Rubanda

KA02 1245

KA021245

nyamwinshi bajya mu itora bakitorera umutegetsi bikundiye ariko akenshi haba harimo ubujiji bugatuma gutora biterwa no kwiyamamaza. Ufite byinshi ntabwo agomba gutsindwa. Leta ifite abasirikari, police na radiyo ntabwo ikandirwaho.

* Iyi n iyo demokarasi yuzuye ku isi. Urugero ni u Rwanda, gutora Perezida bivuga kimwe no gutora icyatsi kibisi — umuturage azi icyatsi kibisi kurusha uwo mu kandida gihagarariye.

d) Inzira yo kumvikana (negociations). tions).

Ibyiza by'inzira itavusha amaraso.

i) Ni uko itavusha amaraso gusa.

Ububi bw'inzira itavusha amaraso.

Ni inzira idakunze gutsinda kenshi na kenshi ingero z'imyigaragambyo (Afrika y'epfo) zitwereka ko ntaho iyo nzira irageza abaturage ku bwigenge kandi ngo « Induru ntirwana n'Ingoma ».

Imidugumbano nayo yaba yarageje ibihugu bimwe ku bwigenge ariko kandi ntabwo havukamo amahoro arambye. Impamvu ni uko iba idafite imizi ihamye. (Insurrections are not popular):

— Imigambi ntabwo iba isobanutse
— Umwanzi ntabwo aba yarakuwe amenyo (nk'inzoka) akaba yakongera akavanaho ubutegetsi bwa ba bandi bamukuyeho.
— Hakunze kubamo umwiryane mu bashaka gutegeka ibi bikizwa n'uko imyidugumbanyo iherekezwa n'intambara nk'ibyabaye muri Russia (1917) aho abakozi bose bahagurutse, bagafata intwaro (bafatanyije n'ingabo zimwe) bagatsinda umwanzi. Iyi yaje kuvamo intambara ikomeye ya rubanda nyamwinshi.

Demokarasi y'itora isa na bya bindi ngo ni ugucurangira abahetsi cyangwa se gukomera intare amashyi. Nta Leta yitora yari yafata imigambi ngo iyemeze.

Ngo « usabiye umugisha ku ishyiga Imana imusiga ivu ». Ibyc ni byo by'Abanyarwanda. Ni na byo byagwiriye abirabura bo muri Amerika (USA) nka Martin Luther King cyangwa ejo bundi Jesse Jackson. Cyangwa RUDAHIGWA RWACU!

3. **INZIRA ZIVUSHA AMARASO** (Violent Methods)

Gufata leta (coup d'Etat)%

Ibiranga iyi nzira :

i) **Bamwe mu ngabo z'igihugu, abasirikari, police bafatanije na bamwe mu basiviri (civil servents na bamwe mu bakozi ba leta) bavanaho ubutegetsi.**
ii) **Aba bafata ibice by'ingenzi bya leta (state power) nka radiyo, inkambi za gisirikare, bank, post office, ikibuga cy'indege (air port) n'ibindi.**
iii) **Bitwara igihe kigufi nk'amasaha, cyangwa iminsi mike. Bimwe hari ubwo bitwara amezi agereranije (creeping coup) nk'ibyabaye muri Libiya (1969). Iyi yatwaye amezi atandatu.**
iv) **Bikorwa (kandi bishyigikiwe) n'agatsiko k'abantu bake (unpopular)**
v) **Akenshi coup d'Etat iba ishyigikiwe n'amaboko yo hanze y'igihugu (foreign inspired and supported).**

Ububi bw'iyi nzira (disadvantages).

i) Ntiba ishyigikiwe na rubanda nyamwinshi.
ii) **Ikunze kuba idaharanira ukuri kw'abantu, urugero-nkiyavanyeho Thomas Sankara muri Burkinafaso.**
iii) **« Impamvu ingana ururo » Abavanaho ubutegetsi bakunze kuba bava muri iyo leta ubwayo. Bishobora guturuka ku rwangano hagati y'abantu bakurikira mu butegetsi nko hagati ya Perezida n'umukuru w'abasirikari cyangwa indi mpamvu nk'iyi.**

iv) **Ingorane za rubanda nyamwinshi ntabwo zikemurirwa muri iyi nzira ntabwo baba ari bamwe mu bavanaho leta. Keretse hamwe na hamwe nko muri Libiya ni ho habayeho coup d'Etat hanyuma abaturage b'icyo gihugu bakabona agahenge ko kwitegeka bayobowe na Colonel KADAFFI. Na Thomas SANKARA ni byo yari agamije ariko aranzuranywa.**
v) **Iyi nzira rero ibyutsa impamvu zo kongera, igakoreshwa n'abandi bifitiye impamvu zabo ku giti. Coup d'Etat igakurikira indi.**

Ingero ni nk'iza Ghana, Nigeria, Uganda n'ahandi cyane muri Afurika n'Amerika y'epfo (a coup instigates more coups)
vi) **Coup d'Etat nyinshi ziba zishyigikiwe n'imbaraga zo hanze bigatuma itagira icyo imarira abaturage bene gihugu. Ba runyunyusi bakunze kuzishyigikira : kutabumvira cyangwa kwangwa na rubanda bishobora kuzana intambara.**

2) **KWICA ABANTU B'INGENZI** (ASSASSINATION)

Iyi ni inzira ishaka kugera ku ntego zayo inyuze mu guhotora, kwica n'urusasu rumwe kw'abantu bakomeye nka ba Perezida, cyangwa abakuru b'Ingabo.

Ibiranga iyi nzira :

i) Yica umuntu (igikomerezwa) runaka ariko ntivanaho intsina mbi ya leta, umuntu umwe arapfa ariko amatwara mabi agasigara.
ii) Ishyigikirwa na « bene kuronka » kandi ikunze kuba ishyigikiwe na ba runyunyusi.
iii) Isenya bike ariko nta n'icyo igeraho nko ku byerekeye gukuraho amatwara mabi burundu.

Iyi nzira yahitanye abantu nka :

— INDIRA GHANDI - INDIA
AMILCAR CARBRAL - GUINEA
EDWARD MONDLANE - MOZAMBIQUE
JOHN KENNEDY - AMERICA (USA)

Hari n'abandi nk'aba bishwe ariko kandi ibikorwa ndetse n'ibitekerezo byabo bighasigara bitanyeganyejwe. Iyi ntikunze kubarwa nk'inzira nyakuri yageza rubanda nyamwinshi ku migambi yo kwibohoza. Ntabwo ari inzira abarwanashyaka bakoresha.

Abarwanashyaka ntabwo bakoresh iyi

Abarwanashyaka ntabwo bakoresha iyi nzira kuko itabageza ku ntego nyakuri. Kwica umuntu umwe ntabwo ubukandamize, ubukene, ubujiji n'ibindi nk'ibyo bikorwa n'ubutegetsi bubi bishira.

Ibyiza by'iyi nzira (advantages)

i) **Irahuta, ntisenya byinshi. Ihitana bacye kandi haramuka byinshi mu bitugwa.**
ii) **Ishaka ibya ngombwa bike nk'imbunda, imiti, amafaranga n'ibindi bishakwa mu ntambara. Dukwiye kumenya ibi:**
— **Iyi nzira ntabwo iboneye gukemura ingora za rubanda rugufi.**
N'aho ibaye ikunze gusubirwamo n'abandi kubera ko ntacyo iya mbere iba yakemuye.

INZIRA Y'INTAMBARA ZA KARAHABUTAKA (Conventional warfare strategy)

Icyo dukwiriye kumenya :

Iyi ntambara ifite kuba yakoreshwa nk'inzira ukwayo cyangwa se ikaba yaba

KA02 1246

KA021246

intambwe imwe mu yindi nzira turi burebe.

Intambara za karaha-butaka ni intambara dukunze kumva hirya no hino ku isi.

Ingero zikaba:
- Tanzania na Uganda - muri 1979
— Israel n'Abarabu - kuva kera kugeza ubu
— Iran na Irak - kuva muri 1980 — 1988

Ibiranga iyi ntambara:

i) Ukurwana hagati y'ingabo z'ibihugu.
ii) Muri iyi ndwano habaho gushyiraho imbibi zo gusekuraniramo (fronts are clearly indicated) ni ukuvuga ko abarwanyi b'impande zombi bagira aho guhurira kugeza ubwo bamwe batsinsura abandi.
iii) Intambara irwanwa n'abantu benshi (ingabo zigeze mu bihumbi).
iv) Habamo gufata ibice by'igihugu kineshejwe mu ntambara nk'iyi, imigi, n'uturere birafatwa kandi bigakoreshwa nk'aho kurwanira.
v) Hakoreshwa mo intwaro za karaha-butaka nka za B.M., indege, za tank n'ibindi byangiza cyane.
vi) Itwara igihe kigufi — iminsi mike cyangwa amezi make.
vii) Ntabwo ari ngombwa ko impande zombi zigomba kunganya intwaro za rukurankota — kuko iyo uruhande rumwe rufite indege — urundi rwakoresha ibihanura izo ndege n'ibindi nk'ibyo.

Ibya ngombwa muri iyi ntambara.

a) Ugomba umubare uhagije w'ingabo (nko kurenza ibihumbi bibiri)
b) Izo ngabo zikwiye kuba zifite ubumenyei mu by'intambara buhagije.
c) Ibikoresho by'intambara bigomba kuba bihagije — ni ukuvuga intwaro, amasasu, ibyo kurya, imiti, imodoka n'ibindi.
d) Ingabo n'abagabo bakwiriye kuba bafite ubumenyi mu byerekeye kurwana no kuyobora neza intambara. Aho barwanira bagomba kuhamenya neza.
e) Intwaro z'ubwoko bwinshi kandi buhagije ni ngombwa.
f) Ingabo zigomba kuba zifite aho zihagaze cyangwa zishingiye kugira ngo zitere (military base).
g) Inzira yo kubona imfashanyo (n'ibindi bya ngombwa by'intambara) biva hanze (foreign fupport channel) igomba kubaho.

Ibibi by'iyi nzira.

1. Iyi nzira ntabwo igeza rubanda nyamwinsni ku ntambwe yo gukemura ingorane zabo.
2. Iyo itwaye igihe gito ntabwo ingabo zirwana zibona umwanya wo kuygira imyifatire myiza (discipline is not fully developed) nko kugira amatwara meza atuma bumvikana na rubanda nyamwinshi.
3. Ntabwo itanga umwanya uhagije wo kwigiramo imikorere ya demokarasi ya rubanda nyamwinshi cyangwa se no kwishingira umutwe wa barwanashyaka ukomeye.
4. Irwanwa n'agace k'abantu (abasirikare). Abandi ntabwo babona uburyo bwo guharanira uburenganzira bwabo.
5. Yangiza byinshi igakemura bike. Isenya imihanda, amazu, amashuri amavuriro n'ibindi. Yangiza umutungo w'igihugu.
6. Ikunze kuba ishyigikiwe na rubanda rwo hanze. Ibi bituma intego zayo ziyoba zigatandukana ni ibyo rubanda nyamwinshi bifuza.
7. Ntikemura ingorane z'igihugu ku buryo bunononsoye, urugero ni intambara yabaye muri Uganda muri 1979.
8. Ishobora kuba yaterwa cyangwa igashyigikirwa n'ibisambo na ba runyunyusi kugira ngo bicururize intwaro zabo cyangwa se bimike uzabumva akemera gusahura igihugu.

Ibyiza by'iyi nzira.

1) Ishobora gutwara igihe gito.
2) Ntabwo itera akababaro k'abantu cyane (tugereranyije n'indi nzira ndende turi bubone).

Dukwiye kumenya ko:

Bamwe (mu bantu) bemeza y'uko iyi nzira y'intambara ngufi za rukurankota ishobora kuba yakoreshwa kugeza rubanda nyamwinshi ku ntego nyakuri z'amajyambere — Ndetse na demokarasi kandi birashoboka yaha rubanda rugufi agaciro mu gihugu cyabo.

Ngo hariho ubwumvikane buhagije hagati y'abarwanashyaka (ingabo) na rubanda nyamwinshi, bashobora kuvukamo umutwe wakomeza ukabayobora muri iyo Revolisiyo (cyangwa guhinduka by'ingirakamaro). Ibi rero ngo byatuma n'intambara ndende zitaba ngombwa. Ikindi iyi ntambara ivanze kurwana no kwigisha rubanda nyamwinshi, yagera ku rwego rwo guhuza ingabo z'abarwanashyaka n'ibice byose by'abaturage cyane rubanda rugufi.

Ibi ntibyoroshye gukorwa nk'uko bivugwa keretse ari igitekerezo kigezweho na rubanda rugufi ubwabo barwanira kwibohora.

5. INZIRA Y'INTAMBARA NDENDE IRWANWA/IGASHYIGIKIRWA NA RUBANDA NYAMWINSHI (Protracted Peoples'war).

Iyi ni inzira y'intambara ndende irwanwa n'abarwanashyaka (revolutionary) bafatanije na rubanda nyamwinshi. Ni intambara igomba kurwanira intego yo guhindura ubuzima bw'abantu boise — cyane abakandamijwe nka rubanda rugufi, abakozi, abagore...

Ni inzira iboneye ya buri wese (umuturage) yakoresha kugira ngo bibohoze. Icyo tugomba kumenya ni uko aho yarwanwe hose idatwara imyaka iri hasi y'itatu (3). Dore ingero z'iyo nzira naho yakoreshejwe:

— UGANDA - IMYAKA 5 (1981 — 1986)
— CHINA - Kuva muri 1920 kugeza 1948
— CUBA - yatwaye imyaka 3
— MOZAMBIQUE — Imyaka 15
— ANGORA - Imyaka 13
n'ahandi....

Iyi nzira irwanwa n'imbaga y'abantu bafatanije n'abarwanashyaka kandi igatwara igihe kirekire, intambara itangiwe n'abarwanashyaka n'abaturage rubanda rugufi, abakozi, abanyeshuri, abagore n'abandi. Itangirana imbaraga nkeya. Ingero — uko muri Cuba yatangiwe n'abantu 12 barwanya ingabo za leta ibihumbi mirongo itanu (50,000)
— Muri Mozambike abarwanashyaka 47 ni bo bayitangiye barwanya abasirikari ba leta ya gikoloni bagera ku bihumbi 70.
— Uganda - 27 barwanije ibihumbi nka 25 - (25.000) by'abasirikari ba leta. Ni mpamvu ki ituma abarwanashyaka bake cyane batangira iyi ntambara (guerilla war) bakazayisoza?

a) Igihugu kiba kigeze aharindimuka ba runyunyusi bakigeze ku buce. Ubutegetsi bubi buba butakihishira. Ingorane ziba zimaze kwiyongera; nk'ubukene, amahoro make, guta agaciro k'ifaranga ry'igihugu, ibura ry'imirimo, amavuriro make... mbese amajyambere aba yarahagaze. Cyangwa ndetse igihugu (ubukungu) kidindira.
b) Abarwanashyaka bagomba gutsinda kuko baba bafite politiki nziza ni ukuvuga politiki iharanira imibereho

KA02 1247

KA021247

myiza y'abaturage (rubanda-nyamwinshi).
c) Bagomba kugira ubumenyi buhagije mu byo kurwana. Inzira, Inzego n'intambara bikaba bishingiye ku mategeko nyakuri atari uguhubuka cyangwa kwiroha.
d) Hagomba kubaho kumvikana no gufatanya hagati y'abarwanashyaka na rubanda rwa giseseka. Nta macakubiri akwiye kubaho.

* Iyi ntambara irwanwa mu ntambwe eshatu (3 phases).

A) **INTAMBWE YA MBERE/INTAMBARA YA KINYESHYAMBA** (Guerilla phase)

Ibiranga iyi ntambwe.

i) Abarwanashyaka bafatanije na rubanda nyamwinshi baba barwanya umwanzi w'igihugu.
ii) Abarwanashyaka batangirana intege nke, akenshi ntabwo baba bafite ibirwanisho bihagije ntabwo baba bafite ibirwanisho bihagije ndetse n'imyitozo ya gisirikare (military training) iba ari mike.
iii) Abarwanashyaka baba bakiri bake, barwanira akenshi mu dutsiko tw'abantu 20-30.

iv) Agatsiko kamwe gashoboye gukora ukwako n'akandi ku bwako
v) Abarwanyi bake kandi bakennye barwana bakoresheje uburyo bukurikira

— Kwubikira no kugurira-ugatungura umwanzi
— Gutikura umwanzi ahamubabaza
— Gukubita ubambura ariko ugasiga ushenye urugamba

vi) Kwica no gucubya abantu bamwe bakoreshwa na leta guharanya rubanda nyamwinshi
vii) Kwihisha guhagije (conealment)
viii) Kudahwema; guhindura indaro buri kanya
ix) Kudacogora mu buryo bwo gucondoza (Recc) umwanzi.
x) Kwegera no kubana n'abantu no gufatanya na bo.
xi) Kwizigama mu bikoresho-amasasu, ibyo kurya n'ibindi
xii) Gutera umwanzi abambuye (attacking when enemy withdraws)
xiii) Yabandama ukamutoteza (Harrassing when enemy camps)
xiv) Gukambura iyo abanzi bateye (cyangwa ubonye utiteguye) kandi bakurusha imbaraga.
xv) Abanzi baterwa cyane bari ku nzira bataricara hamwe, bakirindwa iyo bakambitse.
xvi) Muri iyi ntambwe y'intambara y'abarwanashyaka, ntabwo ibyo gupfa uduce ngo batugumemo biba ngombwa, ahubwo bucya bimuka.

Ibi bituma abarwanashyaka birinda gupfa cyane, ahubwo bakiyongera kandi bakagenda banesha umwanzi kubera uburyo barwanamo. Iyo bareba umwanzi ari bubaneshe ntabwo biroha.

Umugambo w'iyi ntambwe ibanza.

Ni ngombwa ko abarwanashyaka birinda gucika mo icyuho ahubwo bagomba kugica mu ruhande rw'umwanzi ndetse bakangiza imirwanire ye.

Ibi bikorwa bite?

— Abarwanashyaka birinda kugira ngo bapfushe cyangwa bakomereke mu gihe bidakwiye ahubwo bakihata kwica no gukomeretsa umwanzi cyane.
— Uko intambara igenda ikura bagenda biyongera imbaraga, ubumenyi, gufatanya, kwongera ku ntwaro nke zabo. Bariga bakigishwa, imyifatire ikaba nta makemwa n'ibindi... umwanzi we agenda adohoka muri buri byose.

•

Umwanzi abyifatamo ate?

Umwanzi biramugora. Arageza gukora nk'ibi bikurikira:

a) Yakwifuza kuba yagera mu duce twose aho atikurirwa. Iyo abigize atyo bimutera imbaraga nke. Agatikurirwa bugari akaganzwa vuba.
b) Ashobora kwikubira hamwe. Na bwo aba yitanze. Ibi bivuga ko umwanya ashobora gusigara arinze ibice bimwe, nk'imigi, abarwanashyaka na bo bakaboneraho umwanya wo kwidagadura muri rubanda nyamwinshi mu byaro.
— Ibi bitanga umwanya wo kugira ngo abarwanashyaka babone no kwitoza guhagije bakitegura guhitaba umwanzi. Bituma kandi bahura n'abantu bakongera umubare wabo. Ibi bica umwanzi intege kuko we atagwiza ingabo.

B) INTAMBWE YA KABIRI/URUGAMBA RUTICAYE HAMWE (MOBILE PHASE)

Iyi ntambwe igerwaho ari uko abarwanashyaka bagwiriye kandi bamaze no kugira intwaro zihagije. Ubwo baba batangiye kuba benshi.

Ibiranga iyi ntambwe:

Imigambi ikomeza kuba nk'iyo mu ntambwe ya mbere (guerilla warfare) uretse ko ingabo ziba zimaze kwiyumva imbaraga zikagira ibitero bikomeye.

i) Abarwanashyaka baba bafite umutwe umwe mu gice runaka bagahuza cyane imigambi (centralised command) ntibarwana mu dutsiko
ii) Ibice biba bimaze kugira umubare munini kandi uhagije nka Battaillon (abantu 1,000) no kurenga.
iii) Kurwana kuba gushingiye kukunyaruka bitari ugufata agace kamwe. Bakubita babambura. Mbese iyo bateye ahantu bucya bandurutse!
iv) Abarwanashyaka baba bakomeza kwiyongera kuko bagenda hagari batarura abarwanyi kuva mu baturage ndetse n'abatoroka mu ngabo z'umwanzi — Dukwiye kumenya ko: —

Iyo ntambara igeze mu rwego rwa «Z» hari ibya ngombwa bikurikizwa nka bitatu:

i) Nta kuzarira — kuruhuka byirambuye. Ingabo ni uguhora zigenda; zimuka. Ibi bituma zidaterwa kandi zo zigashobora gutera n'ubwo haba kure. (Constant mobility)
ii) Ubuzima bw'umurwanashyaka kuba ari nko «Kuryamira amajanja». Nta guhwema cyangwa kwiganda. Bagomba gushishikara no gushira ubwoba. (constant vigilance).
iii) Nakwizera cyane kubaho. Buri wese yashobora kuba umwanzi - nuwo muri kumwe! Utinda kwemera icyo utiboneye n'ayawe abiri; wemera ari uko ubonye (constant distruct or mutual distrust).

C) INTAMBWE YA GATATU — INTAMBARA YA KARAHA BUTAKA.

Iyi ni yo ntambwe ya nyuma y'iyi nzira — abarwanashyaka baba ari benshi cyane. N'ibikoresho ari byinshi. Ibiranga intambara ya karaha butaka twari twabibonye.

Ibyiza by'iyi nzira (Advantages)

i) Izamura ibitekerezo bya rubanda nyamwinshi maze igakangura imbaga. Abantu bashirika ubwoba bakiga amasomo ahagije cyane mu bikorwa.
ii) Intambara ndende ivamo ingabo z'abarwanashyaka zikunze guharanira gucungura igihugu burundu.
iii) Bituma rubanda bakora ishyaka ry'imena (strong organ or party)
iv) Mu ntambara nk'iyi havukamo ubumwe mu bitekerezo no mu bikorwa.
v) Havuka umuco wo gukorera hamwe;

KA02 1248

KA021248

havamo kwiga no gusobanukirwa.
vi) Rubanda nyamwinshi bamenya akamaro ka demokarasi.
vii) Abantu bose bahuza umutwe; (intellectuals) abize amashuri n'abatize, rubanda rugufi abakire, abanyeshuri, bose barafatanya bakaba bamwe. Intambara ndende ituma bose bagorwa, bakababara kimwe. Bagasanga bose kimwe bafite akamaro.
viii) Abantu bivana mu buhacye ubukolonize n'ibitekerezo bituma bisuzugura bikabavamo kuko baba bagize igikorwa kibereka imbaraga zabo n'akamaro bafite mu ntambara yo kwikura mu bukandamize.
ix) Abayobeshejwe na bo baboneraho agahenge ko kwongera bakaba nkabantu, bakareka kuba nk'inyamaswa. Ibi bituruka ku nyigisho bagenda bakura mu barwanashyaka.
x) Abarwanashyaka bafatanije na rubanda bahindura imyifatire, imibanire bagashinga amategeko mashyakandi agororokeye buri wese.

Ibibi by'iyi nzira.

i) Itwara igihe kirekire (iraramba). Inyinshi zirenza imyaka 3.

Ingero:

MOZAMBIQUE — 15 (Imyaka)
CUBA — 6 "
ANGOLA — 13 "

ii) Hagomba kubaho kwitanga guhebuje; kubabara kw'abarwanashyaka ndetse n'abaturage.
iii) Abasirikari ba leta babona umwanya uhagije wo kwica rubanda nyamwinshi; kwiba, gufaringa, (kujya ku bagore ku ngufu), gusahura n'ibindi bibi byose.
iv) Itera ibyago, inzara, guhung, no guhungabanya umutekano mu gihugu cyose.

v) Iyo ntambara yangiza byinshi mu buzima bwa rubanda n'amatungo n'ibindi bintu (destruction of life and property)

vi) Yangiza ibintu nk'imihanda, amakorero, amashuri, amavuriro n'ibindi...

vii) Ijya kurangira imugaje benshi abandi bagasenyerwa amago, igasiga imfubyi... Aba bagashaka gufashwa na leta nshya yimitswe n'abantu ubwabo.
viii) Iyi ntambara ndende itera indwara zo mu mutwe (nk'ibisazi).

Icyo dukwiye kumenya :

Ibibi by'iyi nzira biba bike iyo urebeye hamwe muri rusange. Ikemura ibibazo byinshi kuko aho yagiye iba hose ubu haba hari amahoro ya buri wese ashyigikiwe, havuka uburyo bwa demokarasi buhamije imizi mu baturage hakabaho n'amajyambere nyakuri.

Ingero:

CUBA
— China
— Korea (ya ruguru) n'ahandi.

Ikindi ni uko zimwe muri izi ntambwe zishobora gufatanywa, urugero nk'iya kabiri (mobile) ishobora gufatanywa n'iya gatatu (conventional) mu gihe kimwe biturutse ku mbaraga z'abarwanashyaka ugereranije n'iz'umwanzi. (inzira y'intambara ndende)

Ikindi ni uko iyi nzira hari aho idashoboka bitewe n'ibiyiranga. Urugero abarwanashyaka iyo batangiranye imbaraga kandi ari benshi cyane.

O.U.A. 90/91 : UN BILAN TRISTEMENT NEGATIF !

Le mandat de l'actuel Président de l'O.U.A. a commencé en juillet 1990 et prendra fin en juillet 1991. Heureusement !

Si j'évalue négativement ce mandat, déjà en janvier 1991, je n'anticipe pas du tout car son état d'avancement est stérile et les résultats de l'évaluation globale seront probalement en dessous de zéro.

Face à ses récents prédecesseurs (Abdou Diouf, Sassou Ngesso Keneth Kaounda, Mussa Traoré), le Président actuel de l'O.U.A. s'est révélé un nain politique malgré son ambition de se mettre toujours au diapason de la scène continentale.

Dommage que le Secrétaire Général de l'O.U.A. — qui fut jadis la coqueluche de l'intelligentia et de la jeunesse africaines — soit couvert par le voile de son maître dans l'inaction si bien qu'il risque fort de rater un second mandat.

Quand au Président, je suis porté à me demander s'il connaît les tâches lui dévolues !
En effet, de tous les maux que souffre l'Afrique, le médecin-chef n'a soulagé aucun. Ces maux ont pour noms la guerre, la famine, la désertification, la mouche rouge, les maladies infectieuses etc.

Au lieu de s'atteler à trouver les remèdes de ces maux, le Président a voulu faire de toute l'Afrique un maquis. On dirait sans exagérer qu'il éprouve satisfaction devant les conflits qui déchirent l'Afrique: le Libéria, la Somalie, le Rwanda...

Je me souviens qu'un bon jour, Yoweri MUSEVENI est allé prier à côté de K. Kaounda afin que les conflits de l'Afrique Australe trouvent une solution pacifique.
Si Dieu exauce la prière des méchants, ce sera le seul bon acte de la vie de ce maquisard.

De toute façon MUSEVENI a essayé de s'intéresser à l'Afrique Australe. Est-ce parce que ses assassins soldats se sont entraînés au Mozambique? Il ne peut y avoir d'autres motifs sachant pertinemment que cet homme n'a aucune considération pour les BANTOUS à moins qu'il ne veuille y étendre l'empire hamite.

Ce qui est encore plus grave est que Museveni semble s'intéresser peu ou pas au sort de l'Uganda.
La priorité était de reconstruire ce beau pays ravagé par des guerres sans fin mais MUSEVENI a choisi d'attaquer le Rwanda. Quel paradoxe! Ce désinteressement au sort de l'Uganda se comprend parfaitement dans la mesure où l'Uganda est majoritairement peuplé par des bantous qu'il abhorre.

L'Afrique est à pleurer ! Ceux-là qui se disent révolutionnaires affirment que les problèmes africains sont dus à l'impérialisme extérieur. Quel est donc l'impérialiste qui a créé le conflit actuel au Rwanda?

Après la disparition des blocs et la fin de la guerre froide, certains pays ou plutôt certains hommes sont tentés de prendre la relève en Afrique.

Mais les visées de Yoweri MUSEVENI vont au-delà et cachent un impérialisme basé sur la suprématie d'une ethnie Hima-Tutsi. Aux bantous d'en prendre conscience !

La Rédaction.

KA02 1249

KA021249

LETTRE OUVERTE A SON EXCELLENCE MONSIEUR YOWERI KAGUTA MUSEVENI, PRESIDENT DE LA REPUBLIQUE DE L'UGANDA ET PRESIDENT EN EXERCICE DE L'O.U.A.

Excellence Monsieur le Président,

C'est en vertu de votre qualité de Président du Peuple ami et frère de l'UGANDA ainsi que de Président en exercice de notre Organisation Continentale, l'Organisation de l'Unité Africaine et même, pourquoi pas, en tant qu'universitaire vous-même, que nous avons l'honneur de nous adresser à Votre Excellence pour exprimer notre profond regret et notre grande déception, suite aux récents événements qui ont endeuillé le Rwanda et qui ont été provoqués par une attaque armée perpétrée par des rebelles irresponsables en provenance de votre pays, appuyés d'ailleurs par des éléments de votre armée, la NRA.

Nous avions pensé que vous, au premier Chef, en tant que Président en exercice de l'O.U.A. et Président d'un Peuple ami et frère, vous alliez faire tout ce qui était en votre pouvoir, en collaboration avec vos Pairs, pour remédier à cette situation malheureuse et tout à fait déplorable.

Or tout concourt maintenant à prouver et à faire croire à n'importe quel observateur que c'est plutôt vous qui l'avez sinon provoquée, du moins continuez à la favoriser et à l'entretenir.

En effet, Excellence Monsieur le Président, il a été annoncé officiellement que l'armée qui a attaqué le Rwanda depuis le 1er octobre 1990 en provenance de l'Uganda était composée de réfugiés rwandais qui voulaient rentrer dans leur pays. Nous en convenons bien, Excellence Monsieur le Président. En fait, ces réfugiés rwandais qui ont commencé à arriver dans votre pays depuis 1959, ont pleinement le droit de rentrer dans leur pays d'origine tant que leur libre arbitre, sans pression aucune le leur dicte et tel que les conventions et règlements internationaux le leur autorisent. Ce qui est déplorable, c'est qu'à partir du territoire ugandais, ils ont voulu rentrer par la force en assaillant le Rwanda juste au moment où leur problème s'acheminait vers l'étape finale de son règlement pacifique et définitif.

Vous êtes bien placé, Excellence Monsieur le Président, pour connaître tous les efforts qui ont été déployés depuis les jeunes années de la République Rwandaise jusqu'aujourd'hui pour que ce problème des réfugiés trouve une issue heureuse en vue d'une paix durable dans notre région. Vous savez bien comment le Gouvernement de la 2ème République Rwandaise, instaurée depuis 1973, ainsi que votre propre Gouvernement depuis que vous avez été porté à la magistrature suprême de votre pays en 1986, se sont préoccupés tous les deux de la question pour lui trouver des solutions pacifiques durables. Point n'est besoin de rappeler ici toutes les négociations qui ont été conduites à ce sujet lors des rencontres bilatérales entre le Rwanda et l'Uganda à tous les niveaux jusque même au plus haut niveau. Qu'il nous soit permis tout simplement d'évoquer les deux dernières rencontres à Kampala du 14 au 17 novembre 1989 et à Kigali du 27 au 30 juillet 1990 conduites du côté ugandais par l'Honorable Ibrahim MUKIIBI, Ministre de l'Intérieur et du côté rwandais par Dr. Casimir BIZIMUNGU, Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération Internationale.

Lors de ces deux réunions conjointes rwando-ugandaises, des résolutions fermes avaient été prises en vue d'un règlement rapide et pacifique du problème. Parmi ces résolutions, on peut citer notamment :

1. Rapatriement volontaire de tous les réfugiés rwandais qui le désirent
2. Recourir à la naturalisation volontaire dans les pays d'accueil
3. Libre établissement dans les pays d'accueil avec leur accord tout en gardant la nationalité rwandaise
4. Installation volontaire dans les pays de leur choix.

A l'issue de toutes ces discussions, une commission quadripartite composée des membres du Comité Ministériel conjoint rwando-ugandais, des Représentants du H.C.R. et de l'O.U.A. devait immédiatement passer à l'exécution de ce programme et les Représentants du H.C.R. avaient commencé à procéder à l'identification des réfugiés vivant en Uganda pour déterminer selon le choix de chaque individu, ceux qui étaient candidats au rapatriement et ceux qui optaient pour la naturalisation. Le Rwanda de son côté avait commencé à inventorier toutes les possibilités de réinsertion de tous les réfugiés rwandais qui auraient librement choisi un retour volontaire et pacifique.

Or, ce qui est vraiment étonnant et tout à fait décevant, c'est que seulement deux mois après la prise de ces résolutions, une armée de plus de 10.000 hommes, entraînés et armés sur le sol ugandais, allait envahir le Rwanda dès le 1er octobre 1990 par le Nord-Est sur la frontière rwando-ugandaise.

Immédiatement après cette première attaque, vous vous êtes rencontrés avec le Président rwandais à Washington, à Mwanza, à Goma, à Cyanika pour examiner ensemble la question de cette invasion. Lors de ces rencontres, vous avez affirmé au Président rwandais et à vos Pairs que ces assaillants avaient échappé à votre vigilance mais que désormais vous alliez verrouiller votre frontière pour empêcher l'infiltration de nouvelles troupes.
Or, malheureusement nous constatons avec regret que depuis cette attaque d'octobre jusqu'à ce jour où nous vous adressons cette lettre, le Rwanda continue toujours de subir à plusieurs reprises des attaques armées de ces Inyenzi-Inkotanyi en provenance du territoire ugandais.

Excellence Monsieur le Président, si l'on ne peut pas manquer de se poser des questions sur le fait qu'une armée de 10.000 hommes ait traversé le territoire ugandais en plein jour pour attaquer le Rwanda en trompant la vigilance des services ugandais, peut-on encore croire que ces nouvelles attaques continuent toujours à échapper à votre vigilance? Ne faut-il pas plutôt conclure que vous n'avez pas voulu délibérément tenir compte des promesses et des assurances que vous aviez pourtant données au Président rwandais et à vos homologues du Zaïre et de Tanzanie?

Vous savez bien, Excellence Monsieur le Président, qu'une bonne partie des assaillants est composée d'éléments d'origine proprement ugandaise et que

KA02 1250

KA021250

tous portent l'uniforme de la N.R.A., l'armée régulière ugandaise. Votre propre frère Salim Saleh aurait été lui-même aperçu sur le front. Lors des rencontres précitées avec le Président rwandais, vous avez qualifié ces gens de «déserteurs» et de «rebelles» et vous l'avez assuré que si jamais ils retournaient en Uganda, ils allaient être poursuivis par la justice ugandaise. Force est de contater que cela n'a jamais été le cas puisque quand ces rebelles sont refoulés du territoire rwandais et qu'ils arrivent en Uganda, ils sont encore réarmés pour revenir attaquer le Rwanda. Allez-vous nous forcer, Excellence Monsieur le Président, à ne jamais croire en votre parole?

Tout le monde sait de par ailleurs que les réfugiés rwandais qui nous ont attaqués faisaient partie de la N.R.A., votre armée régulière au sein de laquelle, après vous avoir aidé à prendre le pouvoir à Kampala en 1986, ils ont occupé de hautes fonctions civiles et militaires. Pour preuve, nous pouvons en citer quelques-uns, tous rwandais, ayant participé à l'attaque contre le Rwanda:

— Le Général-Major Fred RWIGEMA, Commandant en chef des opérations militaires dans le nord de l'Uganda (Operations Overall Commander). C'est lui qui avait pris le haut commandement de l'armée qui a attaqué le Rwanda.

— Le Général-Major MUGISHA, Commandant de l'armée de la N.R.A. (Army Commander).

— Le Major KAGAME, Responsable des services de sécurité ugandais.

— Le Major-Médecin BAYINGANA, Responsable du service médical de la N.R.A.

— Le Major BUNYENYEZI, Commandant de la 2ème brigade de la N.R.A.

— M. Pierre KABATSI, Directeur du Ministère Public (Director of Public Prosecution).

— et bien d'autres encore....

Vous savez également, Excellence Monsieur le Président, comment cette alliance avec les réfugiés a failli vous faire du tort vous-même (voir votre défaite lors des élections présidentielles de 1982) et a fait que les autres ugandais trouvaient que vous avez trop favorisé la race munyarwanda jusqu'à vous taxer d'avoir vous-même une origine rwandaise. C'est avec force arguments que vous avez pu prouver que vous êtes de l'ethnie hima du sud de l'Uganda.

Faut-il croire à ce qu'on raconte, Excellence Monsieur le Président, que depuis votre prise du pouvoir à Kampala, aidé par les réfugiés rwandais, vous nourrissez les ambitions d'établir un empire «hamite» (tutsi/hima) en Afrique centrale qui engloberait, outre l'Uganda, le Rwanda, le Burundi, une partie de la Tanzanie et la partie orientale du Zaïre et que pour cela, il fallait d'abord aider les réfugiés rwandais à installer à Kigali un régime minoritaire d'obédience tutsi? Si tel est le cas, nous prions le Seigneur pour que ces objectif ne se réalisent jamais. En fait, que feriez-vous des autres ethnies typiquement bantoues de la région, tels que les Baganda, les Baciga du Kigezi, les Bahutu du Rwanda et du Burundi, etc.? Pourriez-vous les asservir ou les exterminer?

Nous espérons bien penser que vous ne partagez par les mêmes idées que les assaillants qui ont attaqué le Rwanda en brandissant des insignes nazis et en imprimant sur leurs corps la croix gammée pour montrer qu'ils appartiennent à la race supérieure, celle des tutsi/hima, destinée à commander d'autres races. A l'heure actuelle, aucun homme vraiment raisonnable ne croit plus à l'inégalité des races et à la supériorité de certaines d'entre elles!

De toutes les façons, on ne peut pas s'empêcher de penser qu'il y a eu un mobile puissant «quoiqu'inavoué» qui a pu amener un Président en exercice de l'O.U.A. à fouler aux pieds la Charte de l'O.U.A. et toutes les conventions relatives au problème des réfugiés (celles de l'O.N.U. de 1951 et de l'O.U.A. de 1969).
L'article III de la Convention de l'O.U.A. régissant les aspects propres aux problèmes des réfugiés en Afrique stipule que:

«1. Tout réfugié a, à l'égard du pays où il se trouve, des devoirs qui comportent notamment l'obligation de se conformer aux lois et règlements en vigueur et aux mesures visant au maientien de l'ordre public. Il doit en outre s'abstenir de tout agissement subversif dirigé contre un Etat membre de l'O.U.A.

2. Les Etats signataires s'engagent à interdire aux réfugiés établis sur leur territoire respectif d'attaquer un quelconque Etat membre de l'O.U.A. par toutes activités qui soient de nature à faire naître une tension entre les Etats membres et notamment par les armes, la voie de la presse écrite et radiodiffusée».

Excellence Monsieur le Président, pouvez-vous considérer que toutes ces conventions ne sont que des chiffons de papier? Voudriez-vous nous amener à désavouer le choix qui a été fait par les Chefs d'Etats et de Gouvernements Africains en vous portant à la Présidence de l'O.U.A, exercice 1990, ou à penser que vous avez démérité la confiance qu'ils avaient placée en vous?

Cela semble en tout cas être l'avis de plusieurs personnalités très au fait des problèmes de l'Afrique, comme le Grand BECHIR BEN YAHMED, P.D.G. de l'Hebdomadaire International Indépendant *JEUNE AFRIQUE*. Voici comment il présente sa déception à votre endroit dans *Jeune Afrique N° 1559* du 14 au 20 novembre 1990:

Icyambereye urujijo ariko ni uko abo bakozi babonye ibaruwa ibirukana nimugoroba, mu gitondo bagahurira ku biro n'abakozi bashya bari baje kubasimbura. Bo ngo biyemeje kujya babivuga neza buri kwezi!!

Reka nikomereze iby'ingegera-nkotanyi, kuko ariya mayeri akoreshwa n'ubutegetsi bwa komini, iyo banyunyuza imitsi y'abo bayobora bayobya ari menshi. Dore ngo mu gihe abaturage benshi bari bashishikajwe no kurengera *ubusugire bw'igihugu cyabo* hari umukonseye warashwe n'umupolisi ariko mu by'amahirwe ntiryamufata. Iraswa ry'uwo mukonseye rivugwa kwinshi bamwe bavuga ko uwo mupolisi yarashe kubera ubusinzi, abandi bavuga ko ari umuyobozi w'urukiko rwa Rwerere waguriye uwo mupolisi ngo yivugane uwo mukonseye. Bityo umugore w'uwo muyobozi w'urukiko rwa Rwerere utarashoboye gutorwa n'abaturage yenda amahirwe yazamusekera akaba konseye!!
Icyakora umuyobozi w'urukiko rwa Rwerere *yemera ko ayo marorerwa* yabaye yari arangije gusangira akagwa!!!? N'uwo mupolisi wagombaga gufatanya na konseye kubumbatira uwo mutekano. Byongeye kandi, ari uwo mupolisi, ndetse na konseye bombi bemeza ko ari nta masinde bari bafitanye. Kuko ngo n'ikimenyimenyi uwo mukonseye ari we wasabiye uwo mupolisi akazi. Twizeye ko uzagaragara ho icyaha azahanwa bukotanyi.

Mu gihe abenshi mu bakozi ba Komini bari barangajwe n'ayo matiku, abaturage bo muri Rwerere bari bashishikajwe no kujya kwifatira abantu bose bakekagaho kuba ibyitso by'Inkotanyi. N'ubwo abenshi mu bakekwaga bageraga kuri komini bakomeretse nta wapfuye, uretse abahitagamo kwiyahura. Ubutegetsi busabwe gusuzumana ubwitonzi abantu babushyikirije. Abere bakazarekurwa. Ubutegetsi bwa Komini bugomba kwikubita agashyi bugashishoza cyane, bukareba niba nta bantu, abaturage bakikiye kubera imyanya y'ibyubahiro bafite muri komini. Nyabuna nimususumira, abasirikari muzababe hafi.

MURI MUTURA BITE??

Mu gitondo cyo kuwa 4 Gashyantare 1991, abaturage bo muri Mutura babyutse bajya gushakashaka hose inyangarwanda n'ibyitso byazo, ibyo babonye bakabishyikiriza ubutegetsi bwa komini. Icyakanguye abaturage ni akanyenzi bafashe kagiye gufunguza uturyo kwa Sendegeya, abaturage bari baranze kumushira amakenga, dore ko n'umukobwa bita Marishekome yari yashyikirije ubutegetsi ibimenyetso simusiga, ariko bwo bukica amatwi. Ahubwo ngo icyo abategetsi ba komini bari bimirije imbere, ngo ni uguhanisha ibyitso amafaranga atagira ingano. Hashize iminsi ibiri ako kanyenzi gafashwe, niho urusaku rw'amasasu rwumvikaniye mu Bigogwe ndetse no hafi ya komini Mutura.
Icyarakaje abaturage cyane ni uko ngo ayo masasu amenshi yarashwe n'ibyitso. Bwakeye ku wa 5 Gashyantare 1991 abaturage bashyikiriza ubutegetsi bwa komini abantu bose bakekwa kuba ibyitso. Abenshi ngo no ku GISENYI *barabashakaga ubwo bahita babajyana* yo. Muri Kaminuza y'i Mudende (yari ibitse ibyitso byinshi) abaturage naho barahageze. Icyatubabaje cyane ariko ni uko hari umuzungu washatse gutorokesha icyitso bikamupfana, kuko abaturage bari bakanuye!

Harya umunyamahanga ushaka guhisha umwanzi w'igihugu u Rwanda rumutegeka iki? Abategetsi nibarusheho kugenzura cyane Kaminuza y'i Mudende kuko ibyitso by'Inkotanyi atari Abanyarwanda gusa. Kandi abategetsi ba komini bagomba gushishoza cyane.
Abategetsi n'abaturage bose nibafatanye n'Ingabo z'u Rwanda kugira ngo dutsinde vuba kandi burundu inyenzi-nkotanyi n'ibyitso byazo.

Icyakora Segafunga wahitanwe n'abaturage we ntimukiririwe mushakisha, kuko n'abavandimwe be bamuhamya kuva kera ko ari icyitso cy'Inkotanyi, uretse ko ubutegetsi bwa komini bwari bwanze kubumva. Kalisa na Segafunga bamaze gupfa, Burugumesitiri wa Mutura yagiye ariko anahiga ko byanze bikunze azabahorera, dore ko zari inshuti ze magara. Icyatubabaje ariko ni uko Burugumesitiri yamaze kuvuga ayo magambo, ibyitso by'Inkotanyi byo muri Mutura bikarasa umusirikari w'u Rwanda, undi bikamutemagura. Uyu Burugumesitiri wa Komini Mutura ntawamushira amakenga, kuko kuva intambara yatangira yerekanye ko ashyigikiye Inkotanyi yanze gutahura ibyitso. Byongeye kandi umugore we ni mushiki w'icyitso cy'Inkotanyi ikomeye cyitwa Papiyasi Rupiya. Ndetse ngo uriya mu Burugumesitiri yigeze no gushaka gufunguza Rupiya muramu we ariko ngo biramunanira.

Igihe twari muri icyo cyunamo cy'Ingabo yarashwe n'icyitso cyagombye kuba cyarafashwe kera, indi nkuru y'incamugongo yaje itubwira ko hari ikindi cyitso cy'Inkotanyi muri Rwerere cyarashe abasirikari bacu kikabahusha kuko ari ba makasi, kandi bari *bayobowe na Kapiteni wanze kuraswa* n'abashumba. Kandi abo basirikari bacu bo bagendaga bashaka hose inyangarwanda n'ibyitso byazo. Ese ni Burugumesitiri washatse guhorera inkoramutima ze zari zimaze gupfa?

GUFATANYA N'INGABO Z'U RWANDA BIRI UKWINSHI.

Gutanga umusanzu w'Ingabo, kuzereka aho ibyitso by'Inkotanyi byihishe cyane cyane ariko tugomba kuziganza no kuzisusurutsa mu karere dutuyemo. Aha mboneye ho gushimira utwana two muri Segiteri ya Kantwari twagiye tubaganira. Dore ko utwo twana twari twambaye nk'abasirikari twifashishije amababi y'ibiti. Turirimbira abasirikari indirimbo zahimbwe n'Abanyarwanda barata ubutwari bw'Ingabo z'u Rwanda.
Iyo ndirimbo yitwa:

INYENZI ZA RWIGEMA NTACYO ZIZADUTWARA

Twese buri muntu n'intwaro ye
Amanywa na nijoro inyenzi za Rwigema
ntacyo zizadutwara
Mu ishyamba ryo mu Mutara
Nzagendana na Kaporali
I Kivuye na Kiyombe turi hamwe
na Ajida, Kapiteni na Majoro
Twese buri muntu n'intwaro ye
Amanywa na nijoro inyenzi
za Rwigema ntacyo zizadutwara.
Mu Ruhengeri ndetse no mu Rwanda hose
Tuzagendana n'Ingabo zacu zose
Twese hamwe buri muntu n'intwaro ye
Inyenzi za Rwigema ntacyo zizadutwara.

MAJOR NTIRURASHIRA ANASTASE YATESHEJE MUDENGE POSITION.

Mu Ruhengeri batewe batunguwe. Ku Gisenyi bahabonera isomo kuko abaturage b'aho bumvaga ko nyuma ya Kigali, Kibungo, Byumba na Ruhengeri, ari bo batahiwe. Abategetsi n'abaturage barahagurutse barahagarara. Amasaha y'umukwabu ashyirwa guhera saa kumi n'ebyiri za nimugoroba kugeza ku za mu gitondo. Hafatwa ibyemezo byo *kongera gusaka amazu*. Byose biracyakomeza.

ABENSHI BARUSHIJEHO KWIBAZA KU MIKORERE YA GISENYI-INFORMATION.

Ni ku ya 31 Mutarama mu masaha ya mbere ya saa sita. Twicaye mu nzu y'ibiro ntaramakuru Gisenyi Info. Turakira telefoni z'irya n'ino nk'uko bisanzwe; muri icyo gihe ariko, inyinshi zari izo mu mpande zose z'umugi wa Gisenyi. Zose zirabaza ikintu kimwe: Ese *Kangura n° 9* ntiragera aho? Natwe *igisubizo kikaba kimwe: turacyategereje*.
Mu ma saa kumi tubone Kangura ya 9 irasesekaye. Barayirwanira sinakubwira. Ndetse ugize amahirwe yo kuyibona akayisogongerera aho atararenga umutaru.

Ni bwo rero dutangiye kumva ibitekerezo by'abasomyi. Ibyinshi bikagusha kuri Mudenge *Genade* wari watunzwe agatoki. Kuko uyu mugabo yanditswe mbere y'uko afatwa mu ijoro ryo kuwa 28 rishyira uwa 29 Mutarama 1991, kandi agafatanwa igihanga. Ibyo byateye benshi kurushaho kwibaza ku mikorere ya Gisenyi-Info. Hadateye kabiri Nkikabahizi Stanislas na we watunzwe agatoki aba atawe muri yombi. Inzu ye irasakwa cyane. Hafatirwa ibarwa yandikiwe imubwira amagambo nk'ayo bari bandikiye Longin Rudasingwa ngo: «azabage yifashe». Ahaa!! Umunyarwanda yise umwana we «Nzabalirwa».

UKO TUZI MUDENGE GENADE.

Abanyeshuri bize ku kigo cy'amashuri cya Murunda muri Komini Rutsiro hagati 1965 n'1974 bazi ko Mudenge ari umwarimu. *Abenshi muri bo* yarabigishije. Yaje kwimukira mu mugi wa Gisenyi, yigisha ku bigo bya Nyakabungo, Muhato, Gacuba, byose biri muri Komini Rubavu. Nyuma aba umukozi mu biro by'amashuri, ifasi ya Gisenyi. Agakubitiraho kuba ari muramu wa Rugema uherutse kuburanishwa mu Nkotanyi. Abazi ibye neza bavuga ko ari we wari ugiye guhabwa amafaranga yo kugura «Sitasiyo TEXACO» zose zari mu Rwanda, ari zo zaje kubyara «E.R.P.». Iyo mpano ngo yayanze avuga ko azarya *duke tw'ubwarimu akihungura ingwa!*

IJAMBO RYA MAJORO NTIRUSHIRA ANASTASE RYAMUTESHEJE POSITION.

Ku isabukuru y'ubugira 30 twiboneye demokarasi, perefe yakoresheje inama abaturage b'umugi wa Gisenyi. Atumira Kapiteni BIZIMANA na Majoro NTIRURASHIRA ngo baze kumwunganira mu guha abaturage amabwiriza muri ibi bihe umwanzi agambiriye gutera Gisenyi.
Perefe BIZIMUNGU Kosima amaze kumuha ijambo, Majoro NTIRUSHIRA yambitse imvugo ye umujyo wa gisirikari ati «*ndabizi neza ko uyu mugi wa Gisenyi batigeze bawusaka. None bariya bafite ibipangu binini n'abandi bose mugomba kubasaka. Uwanze gufungura igipangu cye mukazamukabitufatwira. Ubwo nta tive tugakoresha ingufu za gisirikari*». Sibwo Mudenge ahiye ubwoba maze mu ma saa munani z'ijoro agatangira gutwika ibiringiti bya gisirikari! Abaturanyi barahuruye bagira ngo bamutabare iye nkongi y'umuriro basanga inzugi zadadiwe. Bakomeye ku mutima ijambo rya Majoro, bahita bakoresha imbaraga, noneho basanga arakoranya (yenyegeza) ibiringiti bya gisirikari. Ni bwo inkongi y'umuriro ihindutse iy'ubukotanyi. Dutegereje ibisobanuro azatanga kuri ibyo biringiti n'ibindi yafatanywe, nk'inyandiko.

Na byo byabereye ku Gisenyi.

Dossier y'abanyeshuri bariye cyangwa bashatse kurya amafaranga y'Inkotanyi Pascal Nouveau Riche yarongeye irafungurwa. Ubu abanyeshuri bayariye bariregura bakanashinjana mu butegetsi. Hari hamaze kumenyekana ko uwo Pascal ari we wari ushinzwe kuyobora akanama ko gushaka ingabo z'Inkotanyi mu karere ka Kivu y'amajyaruguru. Abo abonye *akabacisha ahitwa i Bibwe (Masisi)* bagatunguka muri Uganda, bagahindukira bashoza imiborogo mu bana b'Abanyarwanda. Kuba yaratanze amafaranga rero yitwikiriye H.C.R., bwari uburyo bwo kureshya urubyiruko nyarwanda ruri mu Rwanda rukiga kuri Goma, noneho akazarucengezamo amatwara yo kurwumvisha ko ubutegetsi buriho mu Rwanda ari ubugome, ko ntacyo bwabamariye. Muzi ko ayo mayeri ari yo MUSEVENI yakoresheje mu rubyiruko mu gihe cy'ubunyeshyamba bwe. Icyari gukurikiraho rero *ni uguha urwo rubyiruko* imbunda.
Cyakora kuva aho *Kangura* itahuriye amayeri ye, Pascal yahise ahungira i Burundi. Ubusanzwe ni umukozi wa H.C.R (*Umuryango wita ku mpunzi*) kuri Goma. Izina rya Nouveau Riche ni ikibyiniriro akomora ku mbaho yazanaga mu Rwanda akazigurisha muri Economat Général yo ku Nyundo. Bityo aba umukire vuba na bwangu.
Mu banyeshuri bafashwe bakaba baroherejwe muri gereza ya Kigali (1930) tariki ya 3 Gashyantare 1991, hari abagaragaweho ikindi cyaha. Basanze bafite amakarita n'ibyemezo by'amashuri bitemewe n'amategeko. Bavuze ko babihawe *na mwene BARIZIRA*, uwo muhungu akaba azwi cyane ku izina rya «chinois».
Chinois yahamagajwe mu kigo cy'Ingabo z'u Rwanda cya Gisenyi aho bagenzi be bari bari. Iwabo harasatswe basanga ahafite kashe (cachets) za Umoja na Institut de Goma, amashuri yisumbuye ari kuri Goma muri Zayire. Icyaha cyo gutanga ibya ngombwa by'amashuri ntiyagihakanye ndetse n'ababyeyi be barabyemeza. *Se umubyara Barizira* yabajijwe niba atari azi niba umwana we akora amarorerwa. Agiye gusubiza ati «*n'ubundi uyo cyana cyari cyarananiye nimucyijyane nimushaka...*».
Niba atari amatakirangoyi, dore ko na we yatawe muri yombi kubera izo mpamvu, ibihe birakomeye. Kera tuzavuga ko Inyenzi-Inkotanyi zateje intambara, amagara ya benshi agatererwa hejuru, umubyeyi agasama aye atitaye kuy'umwana we! Abariye mpagama rero *nimushikame muryozwe*. Ngo umuntu ashobora gusiga ikimwirukansa ariko ntashobora gusiga ikimwirukamo. *Gisenyi-Info.*

IBIVUGAGUZA ABAHUTU BO MURI SUPEREFEGITURA NGORORERO NI AMATAKIRANGOYI CYANGWA NI UKURI?

Intamenya Iryana ingonera.

Kuva tariki ya 1 Ukwakira 1990, aho inyangarwanda zari zimariye gutera urwababyaye cyangwa rwabyaye ba se na ba sekuru, abaturage batangiye kuvuga amagambo tukagira ngo ni ibyo kwivugira gusa. Ubwo wasangaga mu tubari (cabarets) hirya no hino, ndetse no mu miryango, Abahutu bavuga bati ubonye ngo bariya batutsi muri iyi minsi batubwire ngo twabona KIGERI agarutse?! Ngo mbese Abatutsi basubiranye ubutegetsi bwabo twajya he? Ngo ko twahimbye tubahisha, aho twebwe bazaduhisha? Ngo kandi twabona ijuru ribyaye. Ngo icyabaha umugore w'umuhutu maze bakareba aho umwana wabo aba yicaye? Ngo umunsi bongeye kubufata, ntibazi niba buzongera kubacika. Ngo Abahutu ni ab'inda gusa, ntibamenya ibyabaye kera nk'uko bagiriye nabi Abatutsi none *bakaba barongora abakobwa babo*. Ngo harya Abahutu bariratana Général wabo, umunsi Général w'Abatutsi yaje aho ntiruzabura gica!! Ngo dore akana kigiye imbunda ahatari mu Rwanda kagiye kurufata izuba riva. Ayo magambo yaravuzwe, maze abaturage bagakeka ko ari ukwivugira gusa. ibyayo bitangira kumenyekana nyuma y'itariki ya 1 Ukwakira 1990. Byagiye bivugwa n'abaturage ku buryo ndetse abantu bibwiraga ko ari iby'inzoga, naho ubwo barashyenga bashyirayo.

Tariki ya 2 Ukwakira 1990, aho itangazo ry'Ingabo z'Igihugu ritubwiye ko inyenzi zateye ziyita Inkotanyi, Abatutsi bagiye bumva Radiyo, maze bakabwira Abahutu ariko baciye hasi, ngo rwose murabona mwebwe hari icyo babashakaho? Aho bashaka bari iyo bari, naho mwebwe nimukomeze mwihingire imirima yanyu ntawe uzabakora ngo kandi mumenye ko amaraso y'abana b'Abatutsi yamenetse azabazwa abari babishinzwe atari mwe bahinzi mwihuriye ibyo kurya kuva kera. Abaturage aho bibereye bumvaga ayo magambo bakibaza ikibitera maze bakayoberwa. *Ubwo kandi* muri iyo minsi, wabonaga Abatutsi bishimye, ndetse bamwe bamenye ko Inkotanyi zatsinze, maze bambara neza ndetse bajya gusengerera abantu ngo nimukomere buriya tuzatsinda. Twavuga bamwe nko mu ba porofeseri bo muri ETO (GATUMBA) n'abandi barimu bo muri Kibilira, bagiye basengerera abantu ngo nibahumure.

KIBILIRA NI IHURIRO RY'ABATUTSI NGO KANDI YIGEZE GUCUMBIKIRA UMWAMI:

Kubera izo mpamvu, Abatutsi bavugaga ngo n'ubundi umwami yigeze kuba mu Kingogo ahitwa i Kageyo, ngo none n'ubundi bazabona ahagaruka. Bati dore kugera kure si ko gupfa, rwose muzatubona muri iyi minsi. Mukumva ayo magambo, umuntu yagiye yibaza ibyo twabonaga ino muri Kibilira, haba muri segiteri zose, cyane cyane hano ku Muhororo, haba kuri paruwasi, cyangwa ku bitaro by'aho. Abatutsi bakoraga udutsiko, cyane cyane bwije umuntu akibaza icyo bashaka kugera ho. Ngabo mu ba Padiri, kwa muganga, cyangwa mu bakozi babo bakomeye dore ko babafite ino rwose. Muri iyo minsi, Abatutsi batinyutse ndetse no kuvuga ngo imyaka magana ane, n'imyaka mirongo itatu (30) bazaba bareba uwamaze igihe kinini kandi gifite akamaro. Ngo yewe, mwabonye umwanya wanyu none birarangiye. Reka babivuge, ubwo muri iyo minsi, hagati ya 25 Nzeri 1990 n'iya 4 Ukwakira 1990, uwitwa Padiri SEKABARAGA Joseph, wavukiye muri Kibilira agendera ingo z'Abatutsi, maze umureba akibaza ibyo arimo. Ubundi yagiye aho ari ubu, avuye hano ku Muhororo aho yari Padiri Mukuru, agenda rubanda rwavugije induru.
Turashimira cyane Nyakubahwa Musenyeri KARIBUSHI Wenceslas wadukijije uriya SEKABARAGA J. naho ubundi Kibilira iba yarahiye kera! Kubona umupadiri ahabwa mitasiyo (mutation) abantu bagakoma amashyi mu Kiriziya! Uwakwibariza Musenyeri (Vicaire-Général) GASORE Louis, wavuze iby'uko guhindurwa k'uwo SEKABARAGA Joseph yabibaha kuturusha. Muri iyo minsi, Padiri SEKABARAGA Joseph yagendereye cyane ingo z'Abatutsi twavuga bakurikira:

1. *MUGENGANO Théodore*, uyu ni Diregiteri w'Ikigo cy'amashuri abanza cya Muhororo (abakobwa n'abahungu), amashuri ya Rubona, Kirwa na Ruhindage). Uyu mututsi afite mukuru we witwa NYABUGANDE muri Uganda, kandi yakunze kujya yo cyane mu kwezi kwa munani n'ukwa cyenda 1990. Yakoresheje inama iwabo i Rubona aho avuka, usibye ko ubu yaje gutura ku Muhororo, ayikoresha kwa GAKERI Mathias w'i Rubona ahitwa Ngororero hamwe n'umuhungu witwaga NTAMPAKA J. Berchmans wahitanywe n'ibi byabaye. Ayikoresha ahikwa mu Gashonyi kwa NDAMAGE Barth. na KIMBILIMA Augustin. Yagendaga avuga ngo ntibazagire ubwoba, umunsi hagize abatera bazihagarareho kandi bazabona ababatabara. Ibyo byabaye ku itariki ya 2 n'iya 9 Ukwakira 1990. Umunsi amahane atangira, kuwa 12 *Ukwakira* 1990, Abatutsi yagiye abwira ngo bazihagarareho b'i Rubona na Kirengo bagiye babona amazu yatse bakavuga ngo dore Abahutu baradutanze, ngo ariko turirwanaho. Niyo mpamvu ndetse bagiye bapfa kuko bari bashoje intambara. Cyakora bagiye bivugira ngo tuzize MUGENGANO Théodore na RUBAYIZA Paul batubwiye ngo tuzirwaneho bazadutabara none dupfuye tutanababonye. Uyu MUGENGANO Th. afite na mukuru we witwa MUSAYIDIZI J.M.V. ubu ukora acumbitse mu Ruhengeri wabaye cyane muri Tanzaniya. Bavuga ko MUGENGANO Th. yagiye hagati y'ukwezi kwa munani n'ukwa cyenda 1990 muri Uganda, Zaïre, Burundi ndetse na Tanzaniya. Amatariki ni yo tutamenya neza. Umuntu yakwibaza icyabaga kimujyanye.

Imvugo yavugwaga ngo, uyu MUGENGANO Th. yari kuzimanirwa kuba Chef w'i Kingogo.

2. *HATEGEKA Faron:*

Uyu ni Perezida w'Urukiko rwa Kanto rwa Kibilira. Ni Umututsi wigeze guhunga muri 1973 agaruka nyuma kimwe na bakuru be, ari bo Padiri *GATORE Thaddée* na NSENGIYUMVA Alfred wigisha mu Iseminari ku Nyundo. Uyu HATEGEKA F. ni we Abapadiri bo ku Muhororo bashinze kureba ibyo yarega Abategetsi b'ino ngo kuko bari bagiye kumarisha Abatutsi. Kubera abapadiri n'ababikira bo ku

KA02 1257

Muhororo basatswe tariki ya 10 Ukwakira 1990, bahise bumvisha uwari Perefe wa Gisenyi ngo Superefe NIYITEGEKA Bernard (wapfuye mu minsi yashize afunzwe) na Burugumesitiri NTEZILYAYO Jean Baptiste wategekaga Komini Kibilira, ngo bishyize hamwe kugira ngo bicishe Abatutsi babateza Abahutu ngo *kandi basenyeshe amazu y'Imana.*

Ibyo byashinzwe cyane cyane Musenyeri GASORE Louis uri hano ku Muhororo ngo azajye abyumvisha Abategetsi ba Gisenyi. Uwo Musenyeri iwabo ni i Zaza kandi yabaye cyane ku Nyundo, ndetse twumva ko hari abafatiwe ku Gisenyi bakavuga ko ari we wabahaye imbunda. Uyu Faron ngo ubu ashinzwe kuzajya areba Abahutu baburana, maze akabatsindisha ku mayeri, mbese bakicirwa ku rwara. Ngo yari kuzaba nawe Perezida w'Urukiko rw'Iremezo rwa Gisenyi iyo Inkotanyi zitsinda. Niko amatwi aduha.

Twibutse ko ngo MUGENGANO Théodore azajya akora uko ashoboye, afatanyije n'abandi batutsi, bakaka amafaranga, bakajya kureba aho ibizamini bitegurirwa, bakabyigisha abana b'Abatutsi rwihishwa maze Abahutu bagatsindwa. Ngo ngaho bazarebe niba Abatutsi batazajya babona imyanya myinshi.

Ibirego bya HATEGEKA Faron yatanze afatanyije na MUGENGANO Théodore, KAVUMU Jean, GAGA Eugène, RUBAYIZA Paul, RUKENKE Faustin, KIMBILIMA Augustin, ndetse bafatanyije n'abapadiri, ari bo RWIGENZA François, Umukuru wa Paruwasi ya Muhororo, Musenyeri GASORE Loui. na Padiri NDANGAMIRA Denis wigeze kujya mu baswahiri, ntabwo ibyo birego bifite ishingiro, ahubwo ngo bababajwe no kubona abapadiri n'ababikira baza gusakwa. Bityo bigatuma bihimura babeshyera abategetsi ba Superefe wa Ngororero (NIYITEGEKA B.) na Burugurumesitiri wa Komini Kibilira (NTEZILYAYO J.B.) baza gutanga itegeko ryo kugira uwo bica koko? None aba bakomeye bahungiye kwa Padiri, kuri Komini, Superefegitura bagendaga mu kirere? Ahubwo bamenye gusa ko abaturage bari barumvise amagambo kera noneho babonye bateye bahita bibwira ko bagombye kwirwanaho.

3. *GAGA Eugène :*

Uyu mbere y'uko Inkotanyi zitera *yagiye ajya cyane i Nyanza, i* Bugesera tukibaza icyo agiye kumara. Ubwo na Kigali rugeretse. Uyu mugabo akora muri REDEMI i Gatumba akazi ka tourneur kandi ubu yabaye umunyagisenyi kandi ubundi ari uw'i Gitarama. *Twatangajwe no kubona yaragiye i* Gisenyi tariki ya 30 Nzeri 1990, ntabwo ari membre wa Komite communal, arara i Gisenyi, bucya arara mu Ruhengeri, agaruka i Gatumba tariki ya 2 Ukwakira 1990. Aho ubwo ntiyari yagiye kureba niba koko Inkotanyi zateye. Twakwibutsa ko na HATEGEKA F. membre du Comité Communal Kibilira, nawe yaraye i Gisenyi, akananyura i Kigali na ho akarara, ubwo mwabona batari babizi koko? Hari ubwo MUGENGANO Th., KAVUMU Jean na GAGA Eugène, umwe yanyuze i Kigali, undi mu Ruhengeri, undi ku Kabaya maze baza guhurira i Gisenyi, twibaza iryo hurirane aho riturutse biratuyobera. Tariki ya 12 Ukwakira 1990, ino batangiye gutera, GAGA Eugène yabajijwe niba atazi ibyo bintu (yabazwaga na HARELIMANA Gervais), Chef de la Garde Industrielle i Gatumba, amubwira ko usibye Padiri SEKABARAGA wabimubwiye, ariko we akanga kubyemera ngo ntabwo yari abizi. Ngo cyakora yaketse ko ari impuha ariko akagerekaho ko yanze iby'imbunda Padiri SEKABARAGA Joseph yari amubwiye. Murasanga rero babiziranyeho,

N.B.: *Padiri SEKABARAGA Joseph,* ni we wajyanye imbunda bakeka zari ino kuko cyane cyane mu ijoro ryo kuwa 3 rishyira uwa 4 Ukwakira 1990, yazengurutse ingo zose z'Abatutsi nko kwa KARITISI Théophile ubu ufunze, GAKUMBA Aloys, ufunze kimwe na RWAGASORE Bénoît. Yagiye kandi kwa MUNYAMBONWA Carpophore wazize iyi ntambara n'abe, kwa GAGA Eugène, MUGENGANO Théodore, RUKENKE Faustin na RUBAYIZA Paul kimwe na KAVUMU Jean. Izo mpurirane zabaye umunsi umwe cyangwa ibiri kandi mu ngo z'Abatutsi twaketse n'ubu dukeka twibaza impamvu zazo. Yanabonanye na RUSA François Xavier ufite imodoka ya Daihatsu nawe bakamukoresha kujya guhisha imbunda n'ibindi byari kugira nabi. Uyu RUSA X. yivugiye ko Abahutu bazapfa bategekwa n'Abatutsi.

Uyu ni umucuruzi, ariko yize muri Zayire (Goma). Se yitwa KAMANDWA Philippe wahoze ukorera *Somirwa i Gatumba, ni naho* bavanye amafaranga. Urebye mu kuri imbunda, amasasu n'ibindi byagombaga gufatwa, byajimijwe na Padiri SEKABARAGA Joseph afatanyije na RUSA François-Xavier, kuko bari bafite imodoka buri wese ku giti cye. Hari abavuga ko *imbunda ubu zaba zarashyizwe mu* bipapuro maze zigatabwa, cyangwa zikajugunywa muri W.C. no mu ruzi.

Umugabo TADUYE Vital w'i Rusebeya iyo Padiri SEKABARAGA J. akomoka, ubu na we wazize iyi ntambara, yari afite (kandi baracyari muri Uganda) abana be barenze bane n'abandi bene wabo. Twatangajwe no kubona umuhungu wa HABIYAMBERE Ild. yaraje ku Muhororo mbere y'intambara akabwira Padiri Denis NDANGAMIRA ko aramubwira yitonze ibyo yabonye i Burundi n'i Bugande mu minsi ishize. Uwo musore w'inzobe yari kumwe na Stanislas wubaka kimwe n'undi tutashoboye kumenya.

4. *KAVUMU Jean,* umwarimu wigisha ku Muhororo, ngo niwe ushinzwe discipline. Uyu kubera mushiki we utunzwe n'umuzungu, akaba na mwene wabo wa BAGANAHE L. ucururiza ku Gisenyi, ni we utanga amakuru, akanagezwaho amafaranga bakoresha.

5. *RUBAYIZA Paul,* Diregiteri wa CERAI Ntobwe; ntabwo rwose agera ku mashuri, ibye ni ukwihorera i Kigali, abeshya ngo agiye muri MINEPRISEC, dore ko umukwe we ZIGAMA Denis ari ho yakoraga, ubundi ati mvuye i Byumba, iyo yashyingiye, i Butare kwa sebukwe; nyamara ubwo akagenda avuga ngo aho azashyira Abahutu ni we uhazi ntibazitwaze ngo nyina ni Umuhutukazi. Yari yarabujije umwana we witwa KABAYIZA kwigisha ngo arashaka ko azahabwa indi myanya ikomeye. Rwose hari *benshi bagiye bagwa muri ibi* bakavuga ko ari we nyirabayazana.

6. *Dr. NTAZINDA Gaspard, Médecin* Directeur a.i. à Muhororo Uyu rwose ni we wakoresheje telefoni ayiha abapadiri, Abatutsi ngo bavuge hirya hino ibyabaye nibitabaye kugira ngo isi yose imenye ko u Rwanda nta demokarasi ihari. Ubu abaturage ntabwo bishimiye uko akora.

7. *RUKENKE Faustin,* KIMBIRWA Augustin na RUSA Fr. Xavier,

hemerwa ibirego by'Abatutsi, kuki batemera ibyo Abahutu bavuga kandi bararenganye? Nibabazane maze *tuburane turebane, bareke kwitwaza* raporo zikorwa, kuko burya umuntu ashobora kwandika uko ashaka abeshyera undi.

4. *DUSABEYEZU André* bita *BIZURU* wari shoferi wa Komini Kibilira. Ubonye Abatutsi nawe bamubeshyera ngo *nawe yatangaga amategeko yo* kwica abantu? Yayatangaga se ari iki koko? Niba bavuga ko yasahuye, ibyo babimubaza, ariko ntibabeshye ngo yishe abantu. **Tubabazwa rwose** n'amajoro NTEZILYAYO J. Baptiste kimwe n'abo bari bafatanyije, bagiye barara, maze bakaza kuzimanirwa ngo niho bicishije Abatutsi! Ariko babajije Abatutsi bato ko bo n'ubu batinyuka bakavuga ngo byose byakuruwe n'abakomeye, maze abato aba ari bo bahashirira. Ibyo byabumvisha ko naho bari babeshywe.

Kimwe n'abandi bose bafunzwe, wenda ntawakwirengagiza koko ko harimo abagize nabi bakica, cyangwa bagakora ibindi bibi, nyamara iyo umuntu arebye neza, asanga byaratewe n'amagambo yagiye avugwa n'Abatutsi, maze Abahutu babona intambara iteye, bagasanga ahasigaye ari ukwirwanaho. Muri Segiteri zose za Komini Kibilira, aho Abatutsi bagiye bapfa, naho Abatutsi bakomeye bari bababwiye ngo bazirwaneho, bituma badahunga vuba, bashoza intambara, irabahitana. Twavuga nk'i Ngurugunzu, i Ntobwe, ku Kirengo, i Rubona, Mikingo n'ahandi.

TUBESHYUZE IMPUHA :

— Abatutsi bahungishijwe na Superefe, NITEGEKA B. na Burugumesitir NTEZILYAYO J. Baptiste, bari bafite rwose umutima ushima. Urugero ni muri Segiteri Rugarama ndetse na NTEZILYAYO J.B. yari agiye kuhagwa abarwanaho. Abo batutsi rero bamaze kugera bose hamwe kwa Padiri, izo njijuke zabo zibashyiramo ibitekerezo bibi bivuga ngo ubutegetsi nibwo bwari bugiye kubicisha, bya bindi byabo ngo « Umuhutu umuhisha ukuri ukamuhishurira ikinyoma ».

— Abatutsi bose muri Komini Kibilira, bari bazi ko kuwa 15 Ukwakira 1990 hari umunsi mukuru ukomeye w'Abatutsi, ibyo byagaragajwe n'uko mu matariki imidugararo yatangiriyeho, hagati y'itariki ya 12 n'iya 13 Ukwakira 1990, **ingo zose z'Abatutsi zari zahishije amayoga**, yaba inzagwa, ibigage ndetse abifite amabyeri n'ibindi rugeretse. Aho zabaga 'zitarashya zari zitazwe, abandi ibitoki byahiye. Bishoboka bite ko ingo z'Abatutsi ari zo zahishiriza rimwe, ndetse n'agatindi nyakujya ??

Hari Abatutsi batewe, bati shahu umenye naho hirya hari igihugu!! Babaga bizeye ko ari bene wabo baje.

— Ubutegetsi bwa Perefegitura ya Gisenyi bwaratugambaniye cyane. Tubabazwa no kubona igihe ubwo butegetsi bwari bwemereye *Sukomisiyo muri Superefegitura ya* Ngororero ngo ikore isaka mu ba Padiri no mu Babikira ba Muhororo, maze iyo Sukomisiyo igasanga ibanga ryamenyekanye kera bitewe n'Ubutegetsi bwa Perefegitura ya Gisenyi inyuze ku bitaro bya Muhororo hakoreshejwe telefoni. Ngaho nimwiyumvire!!

— Umwe mu badodwaga ku bitaro ku Muhororo w'Umututsi, ati «bari bavuze ngo ni iminsi itatu gusa tukaba twasubiranye ubutegetsi bwacu, none imipanga irinze kutumara n'uruhyaro rwacu kandi abo babivuze bigaramiye! Abandi mu gihe cy'imidugararo, bati badushyize aho twagombaga kubashyira kandi baradutanze. Ikibabaje gusa ni uko abatubwiye ngo tuzirwaneho ntabo twabonye akaba ari twe rubanda dushirira ku icumu». Mu nama yakorewe izo mpunzi ku Muhororo, batinyutse kujya bavuga ngo izo mbesile (imbécile), kandi ubutegetsi bubyumva ntibugire icyo bubivugaho.

KWENDERANYA.

— Muri iyi minsi Abatutsi bagiye bashyiraho utwana hirya no hino baha amafaranga ngo bajye bumva icyo Abahutu bavuga bababwire maze babarege. Kubera nyine ayo mafaranga usanga abantu harimo kubeshyerwa ibitigeze bivugwa, ni uko raporo zigakorwa kugira ngo abantu bibwire ko amahane agihari kandi ari bo bayakurura.

— Amagambo baravuga ubwayo ateye inkeke. Wagira ngo ni inkota! Ubonye na Padiri SEKABARAGA J. atinyuke kugenda avuga amagambo ngo bazihorera. Hari mushiki we washyingiwe i Rubona kwa Isidore yari yarabwiye ngo azagume mu Rusumo (centre) ngo azajya amurihirira inzu arimo kugeza imyaka ibiri ishize ngo niho azaba yizeye ko intambara irangiye. Abizi ate? Aho *ntiyaba azi neza koko umugambi* w'Inkotanyi? Kuki buri gihe iyo uwo mupadiri yaje ku Muhororo hasigara ibigambo bibi ni ukubera iki? Yaranavuze ngo boye kugira ubwoba, n'iyo atagaruka vuba, ngo ariko azajya abikurikira.

Mu ijoro ryo kuwa 4 n'uwa 5 Ukuboza 1990, hari umugabo witwa *KARISA* waguye muri Segiteri ya Kirengo bamutemaguye n'imipanga n'imihoro. Ubu barakora anketi, ariko abakekwa kandi benshi bafashwe ni Abatutsi. Kuki ibyo bintu bagumyakubikurura? Ngo bazatanga amarozi, ngo bazajya bihorera bica abana bacu n'ibindi n'ibindi. Murabona ko bariya batutsi bashaka *intambara. Tariki ya 7 Ukuboza 1990, hari* inama y'Abatutsi yari igiye kubera kwa Padiri ku Muhororo, kuko uwo SEKABARAGA yari agihari, maze biza kumenyekana birapfuba. Iyo nama yari iyo kumara iki? Baba babimenyesheje ubutegetsi se? Rwose aba batutsi bo muri Kibilira bafite amayeri menshi, kuko ngo bashyigikiwe, maze ibiri bube bakabimenyeshwa mbere.

Ibintu tubona byarahindutse, kuki buri gihe ubu Perefe wa Gisenyi ahora aza yitwaje abamurinda, we se akeka ko hari umutera? Yewe, ndetse tariki ya 5 Ukuboza 1990, mu nama yabereye ku Muhororo, mu nzu mbera byombi, twatangajwe no kubona yari afite umusirikari yazanye? Ese abapolisi ba komini ubu bamara iki? Ese mu by'ukuri uriya mutegetsi yikeka iki? Yakivuze ku mugaragaro? Niba yikeka aho none nta kintu azi koko, ahaaa!!!

Komini Kibilira yabeshyewe kuri byinshi cyane, yaba Abahutu bahaluye, abahakora kandi ku bintu byaturutse muri Komini Satinsyi. Kuki rwose Perefe wa Gisenyi atemeza ngo yerekane aho amahane yaturutse, yoye kugumya kubeshyera Abanyakibilira? Ese hari ibindi bari basanzwe bapfa koko. Muri make, turasanga turengana, tugasaba ko Umukuru w'i Gihugu atajya abeshywa kandi abamubeshya bagasigara bigaramiye. Bamubwije ukuri koko? Bakoze iperereza rirambuye maze bakamenya amavu n'amavuko y'ibi bintu? Turabona rwose hari hakwiye kuba abantu bakora iperereza ryuzuye, bakabaza abantu b'ingeri zose, maze kiriya gisebyo cyagiye kuri Kibilira kikaba cyahanagurwa neza.

Turizera rwose ko, nk'uko twakomeje kwizera, ko Umukuru w'Igihugu cyacu, azamenyeshwa ukuri nyakuri, nawe bariya bantu bacu bagiye baharabikwa, bagakurwaho amakosa, ayo makosa agafata abo agombye gufata. Burya ngo ikinyoma ntabwo cyicara ku ntebe kabiri!! Turabasaba ubutegetsi bwose, cyane cyane za Minsiteri zibishinzwe, kureba icyo zakora kugira ngo agatsiko ko muri Komini Kibilira gasenyuke, amahoro n'ituze bigaruke, dukorere urwatubyaye mu bumwe n'amahoro twazaniwe n'Umubyeyi w'Igihugu dukunda.

Ubwanditsi bwa KANGURA.

respectivement, enseignant et commerçant. Aba birirwa baha Abahutu *amayoga ngo kugira ngo* abandi Batutsi babone uko bakora amanama yabo nta we ubarogoya. Twashoboye kumenya ko ngo bagenda bavuga ngo nibegere abakomeye, babasengerere, babahe amaka, babashyingire, maze bizerwe ariko bo bazi icyo bakora. Iyo mvugo ituruka mu Batutsi hafi ya bose. Ngo nibegera abakomeye, ntabwo Abahutu bato bazabashobora. Aya mazina nabahaye, ni Abatutsi Padiri SEKABARAGA Joseph yagiye agenderera cyane mbere y'intambara no mu minsi ya mbere itangiye. Uyu SEKABARAGA Joseph kimwe na Padiri NIYITEGEKA Alfred n'ubu bari i Muhororo kuva tariki ya 7 Ukuboza 1990, ariko amagambo SEKABARAGA J. yagiye avuga, wabonaga ameze nk'uwiyenza ngo bagiye bamuvuga.

MU BYUKURI ABAFUNZWE BO MURI KIBILIRA BARAZIRA IBYO BAKOZE?

Ashwi da, barazira raporo zakozwe n'abo Batutsi bakomeye bafatanyije n'abapadiri bari ku Muhororo, ngo baragira ngo nabo bafungishe abakomeye cyangwa abakize maze Abahutu basigare bamanjiriwe, babuze hepfo no haruguru.

1. *SHYIRAMBERE Innocent, conseiller wa Segiteri Rubona.* Yafatishijwe na TEMAHAGARI Sylvestre yasimbuye k'umwanya w'ubujyanama maze akamugirira ishyari. Kubona TEMAHAGARI Sy. kuva tariki ya 17 Ukwakira 1990 aho bahagarikiye Superefe NITEGEKA na *Burugumesitiri* NTEZILYAYO J.B. yahoraga mu Batutsi ku Muhororo abaha raporo abeshyera abantu, maze Abatutsi akaba ari bo bazandika neza. We kubera ko afitanye ubucuti na I.P.J. na Subusititi n'abandi bari kumwe. Akagenda yigamba hirya hino ngo azi ko barafatwa bagafungwa. Ndetse yongeragaho n'uwitwa TEGANYA Innocent. Ubwo yari azi ko barafatwa bagafungwa. Ndetse yongeragaho n'uwitwa TEGANYA Innocent. Ubwo yari yabimenye ate? Ni uko yari yabyemereye n'abo bakora anketi. Mukuru SHYIRAMBERE Innocent bamurega ngo yicishije abantu, barabeshya. Tariki ya 12 Ukwakira 1990 yakoresheje inama y'abaserire bose kandi avuye mu Ngororero mu nama ya Perefe wa Gisenyi; igihe bakiri mu nama nama babona imiriro iraka hirya *hino, basohotse basanga abaturage* bakwiye imisozi, batangira gukiza ari ko biba iby'ubusa. Abatutsi begereye iwe, bagiye bazana ibintu aho iwe, barahaguma barara aho, bukeye ati dore burakeye, ngiye mu yandi maselire kureba uko byifashe, kandi bari benshi, ati mujye kuri komini cyangwa kuri paruwasi. Barabyemeranya. SHYIRAMBERE Innocent arakugendera ageze mu yandi maselire ya Buremba, Kigogo, abantu bamuca inyuma bafata b'Abatutsi bari iwe babajyana mu ruzi ariko barwana. Twanabamenyesha ko abaje kwa SHYIRAMBERE Innocent bagiye ku idari kureba ababa bahihishe, ni uko kubera ko umugore we nyina ari umututsikazi, agira ubwoba kuko na we bendaga kumwica maze barahajyana. Ng'uko uko Abatutsi bari kwa SHYIRAMBERE Innocent, umujyanama wa RUBONA bapfuye. Dusanga Shyirambere Innocent arengana yari akwiriye gufungurwa agasubira ku kazi ke. Turashimira Burugumesitiri mushya wa Komini Kibilira wamenye amatiku ya TEMAHAGARI Sy. maze ntamushyire mu mwanya w'ubujyanama. Turashimira byimazeyo Milita Superefe RUKABUKIRA Ild. wa Ngororero ukuntu yamaganye ku mugaragaro uriya TEMAHAGARI Sy. mu nama y'abaturage yabereye i Ngurugunzu mu kwezi kwa 11/1990.

Niyo mpamvu ndetse bareze DUSABEYEZU Thomas, wari assistant wa Burugumesitiri, licencié en droit; LYANYIRINKA J. Berchmans, Directeur du Centre Scolaire KIRENGO kubera ko ngo bazi ubwenge byanga bikunda ibyabaye bari babizi. Ng'iyo impamvu Abatutsi bashingiraho bafatanyije n'abapadiri kugira ngo baheze abantu muri gereza. *Ntawahakana ko abantu batapfuye,* ariko ntabwo bishwe n'abazi ubwenge. Bazize amagambo bagiye bavuga mbere akumva n'abaturage baturanye bikabarakaza, bigatuma birwanaho, mbese byari nko kwirengera kuko bavugaga bati *nibadutanga baratumara. Ndetse* abapfuye benshi bazize ko bene wabo bari bababeshye ngo bazirwaneho. Dore bari bagiye kubipfa aho bari kwa padiri.

DUKOMEZE TUVUGA UKO ABAFUNZWE BABESHYERA :

2. *DUSABEYEZU Thomas,* wari assistant wa Burugumesitiri *NTEZILYAYO J. Baptiste kandi akaba* afite licence muri droit. Uyu Abatutsi bamuvugiye ngo kuko ari we babona azi iby'amategeko, ngo batamutse batamuvuze, yazajya yandika uko bimeze ugasanga Abatutsi ari bo babizira. Uwazabaza KABANDANA Jean, Porofeseri muri A.D.E.C. (Association pour le Développement de l'Education) mu ishuri ry'ababyeyi i Ruhanga, ngo maze ababwire ukuntu we aririmba uyu DUSABEYEZU Th. ngo iyo atahaba aba yaritabye Imana rugikubita. Bakomeza kubeshyera Thomas uyu ngo afatanyije n'uwari chauffeur wa Komini Kibilira witwa DUSABEYEZU André bita BIZURU ngo bagendaga bavuga ngo nibakore. Bishoboka bite kandi hose kenshi na kenshi babaga bari kumwe na IPJ. na Burugumesitiri wa Komini Kibilira. Ibi byose babigirira ngo gushaka kwikiza abo babona bajijukiwe cyangwa ngo bakize. Uriya mucuruzi RURIHOSE Ildephonse, Abatutsi bari bamushyirishije muri amigo atari uko benshi bamufitiye amafaranga kandi bakaba bashaka uko yazahera?

3. *LYANYILINKA Jean Berchmans,* uyu mugabo yatangije amashuri nko muri 1964 — 65. Aba umwarimu, Inspecteur w'amashuri Kibilira-Ramba, yongera kwigisha, ubu yari Diregiteri wa Centre Kirengo, ishuri rya Leta muri Kibilira. Murabona igihe yakoreye, yirwanyeho abona ibintu hirya hino, none Abatutsi nibyo bamuziza kuko babona yitunze. Ni kimwe n'abandi ba diregiteri b'amashuri Abatutsi bashaka gufungisha. Muri rusange, ntabwo *Abatutsi bifuza ujijutse muri Kibilira* ko yahaba. Bifuza gusigarana ubutegetsi bwose. Lyanyirinka bamubeshyera ngo yishe abana bo kwa HITIMANA bita Jokeri. Ngaho nimurebe uriya mugabo umeze neza ukuntu yajya kwica abo bana b'umutindi nyakujya ndetse uhingira ibijumba kugira ngo abana be baramuke. None se HITIMANA aravuga ko arusha LYANYILINKA imirima n'ibindi bintu akaba ari byo amuziza? Aha rwose murebe ko ari amagambo Abatutsi bakomeye bo muri Kibilira baratekerera bene wabo kugira ngo bahezemo abatagira icyaha bitwaza ngo baraturanye gusa. Ikindi, biriya byose byatangiye LYANYILINKA yibereye ku ishuri ku Kirengo. Ko yageze imuhira atinze, murabona yabivamo ate? Mbese ko tubona

SOMALIYA:

Siad BARRE yavahungiye ingata.

Uwahoze ari umukuru w'igihugu cya Somaliya, Jenerali Mohamed Siad BARRE amaze hafi ukwezi ahiritswe ku butegetsi n'inyeshyamba 20 zo mu ishyaka «United Somali Congress» zamwinjiranye i Mogadiscio zikahamumenesha.

Amakuru ya nyuma duherutse ya Siad Barre yatumenyeshaga ko uwo mukambwe yamenenganiye mu majyepfo ya Somaliya ahitwa Kismayu. Igihugu cya Kenya cyari cyiteguye kumugoboka kimuha ubuhungiro bw'agateganyo.

Siad Barre ni muntu ki?

Siad Barre yavutse mu muryango w'abashumba mu mwaka w'i 1919 mu majyepfo ya Somaliya. Siad Barre yabaye impfubyi afite imyaka 10 gusa kuko ari bwo yapfushije se na nyina, mu buryo budasobanutse. Cyakora uwo mwana yahise abona abamwishingira. Icyo gihe Ubutaliyani bwategekaga Somaliya bwashakaga Abasomaliya bo kubufasha kwigarurira izindi ntara nka Etiyopiya.

Siad Barre yaretse ubushumba ajya kwiga amashuri abanza i Modadiscio umurwa mukuru wa Somaliya. Ahava yerekeza i Roma mu Butaliyani.

Siad Barre atoranwa mu banyeshuri bari gukurikirana ibya gisirikari. Asohoka mu mwaka w'i 1942 ari ofisiye.

Siad Barre yagarutse mu gihugu cye Abongereza ari bo basigaye bategeka Somaliya nyuma y'aho Abataliyani batsindiwe nyuma y'intambara ya kabiri y'isi.

Siad Barre yagabiwe gutegeka abapolisi bo mu gihugu cye harimo n'igihangage Idi Amin DADA waje kwigira Mareshari muri Uganda.

Mu mwaka w'i 1960, Siad Barre yahawe kuyobora ingabo za Somaliya. Mu w'1969 afata ubutegetsi ku ngufu nyuma y'aho Perezida wari umaze gutorwa Ali Shermarke ahitaniwe n'abagizi ba nabi.

Imitegekere *ya Siad Barre niyo* yamukozeho!

Nawe se umuntu wafataga umuryango we n'abakwe be akabaha imyanya yose y'ubutegetsi. Umuhungu we ntiyahunze ejo bundi yari ashinzwe ingabo za Somaliya? Hari n'umukwe we nawe *wamutereranye ejo bundi* yari ashinzwe minisiteri y'ingabo. Abo umwami yahaye amata...!

Ubwo bwikanyize ni bwo bwatumye amashyaka atatu USC, SNM, SPM afata intwaro yiyemeza guhirika ubutegetsi bwa Siad Barre. Perezida mushya w'agateganyo wa Somaliya ni Ali MAHDI MOHAMED wahoze ari umucuruzi ukomeye i Mogadiscio.

Minisitiri w'intebe wariho ku bwa Siad Barre yakomeje imirimo ye. Uwo ni OMAR ARTEH Ghaleh uherutse gushyiraho guverinoma y'agateganyo ihuriwcho n'abarwanyaga Siad Barre.

Mu gihe abahiritse Siad Barre bakiri mu byishimo, umurwa mukuru *Mogadiscio* ahabereye imirwano ikaze wasigaye iheruheru. Iyo mirwano yahitanye abantu ibihumbi bitanu kuri miriyoni ebyiri zari zituye Mogadiscion abandi barahunga. Abategetsi bashya ubu barahangana n'ibibazo by'abantu bagaruka i Mogadiscio.

Ibintu bimeze nabi aho i Mogadiscio ku buryo abategetsi bashya batakambira amahanga ngo abagoboke.

Intambara yasize Mogadiscio iheruheru!

I Mogadiscio nta biribwa, nta miti, nta lisansi, nta n'amashanyarazi, ku buryo na Perezida mushya agomba gukoresha za buji.

Amazi yo ntawakwirirwa ayavuga kuko ni inkuru ishaje ku buryo abaturage banywa ibirohwa. Indwara ni izo mu minsi iri imbere zizamara abari bacitse ku icumu.

IKIGOBE CY'ABARABU: *NI NDE UZAJYA MURI PARADIZO?*

Intambara mu kigobe cy'Abarabu (abandi bavuga ikigobe cya Perse) igiye kumara ukwezi itangiye.

Abanyamerika n'inshuti zabo biyemeje kubohoza Koweit bamereye nabi Saddam HUSSEIN wa IRAK wanze kuva ku izima. Saddam Hussein akomeje kwihagararaho ari na ko abwira abaturage ba Irak (abashuka!). Abarabu n'Abayisilamu bose kurwana intambara yita ntagatifu (jihad). Ngo uzagwa ku *rugamba azashyirwa mu* rwego rw'abatagatifu (martyrs).

Nyamara abazobereye mu by'idini rya ISLAMU cyane cyane abo muri Arabiya Sawudite no mu Misiri, bavuga ko intambara yo mu Kigobe cy'Abarabu atari intambara y'Abayisilamu ntagatifu *(jihad). Icyo igamije* ni ukuvana Saddam Hussein muri Koweit yigaruriye ku ngufu. Cheik Gad El-Hag wo muri Arabiya Sawudite yemeza ko ibyo Saddam Hussein avuga ntaho bishingiye.

Ati: «Mu idini rya Islamu, ntewe uwo *ari we wese afite uburenganzira bwo* kwitabara». Ubwo ni Koweit yavugaga. Ntarebera izuba Saddam Hussein ni uwahoze ari Minisitiri ushinzwe iby'idini wavuze ko Saddam Hussein agomba kuba atazi icyo intambara ntagatifu (jihad) icyo ari cyo. Ati «intambara ntagatifu ni iyo umuyisilamu arwana mu Misiri bo bemeza ko Saddam Hussein nta muyisilamu umurimo. Kandi ko nta *ruhusa* afite rwo gutanga ubutagatifu cyangwa se kuba afite uruhusa rwa paradizo!

Saddam Hussein azateke undi mutwe! Cyangwa se azajye kubeshya «Abahindi»!

UBUFARANSA: *UMUGABO MU IHOTELI YAROSE SADDAM HUSSEIN YAMUTEYE.*

Ku wa gatandatu tariki 2 Gashyantare 1991, umugabo wari ucumbitse mu ihoteli mu Bufaransa ahitwa Conques (soma Konkwesi) yahubutse mu cyumba asakuza ngo kimwe muri bya *bisasu bya kirimbuzi* «Scud» (Soma skudi) bifite ubumara bya Saddam Hussein kimaze kugwa muri uwo mujyi. Uwo mugabo kuko yari ameze nk'umusazi yamenaguye ibirahuri n'inzugi by'iyo hoteli.

Abakozi b'iyo hoteli bagerageje *kumwumvisha* ko nta gisasu cyaguye muri uwo mujyi arabanangira. Ndetse na nyiri iyo hoteli yagerageje kumukanga n'imbunda biba iby'ubusa. Hagombye abajandarume kugira ngo bamujishe bamujyana mu bitaro (i Ndera y'aho) bivura abataye umutwe. Saddam Hussein burya ni akagabo.

ISRAHELI: *ABAKUNZI BA «MANYINYA» NTACYO SADDAM HUSSEIN ABABWIYE.*

Mu gihe abaturage bo muri Israheli bahora bahagaritse umutima kubera ibisasu Irak ibasukaho buri gihe, abakunzi ba «mützig» na «Primus» z'aho ntacyo bibabwiye.

Nko mu mujhi wa TEL-AVIV uri ku nkengero y'inyanja ya Mediterane ubu bari bwa'ho burafungura kugeza mu gitondo abantu binywera bibyinira ntacyo bibabwiye. Wababaza icyo batekereza ku ntambara ibera mu Kigobe cya Perse na bo itabasize bakagusubiza ko ibisasu bya Saddam Hussein atari byo bizababuza kwigusha neza. Ngo Saddam Hussein iminsi ye irabaze! Nta n'ubwo bumva za kizunguzungu zibamenyesha ko hari igisasu kije ngo bikingire kuko umuziki uba ari wose!

Umwe yivugiye ko impungenge afite ari uko azasanga mu gitondo umujyi wasenyutse, nta kintu yabonye cyangwa se yumvise!

Kizunguzungu zivuga zimenyesha ko hari igisasu kije, ngakora kimenyetso cy'umusaraba n'ubwo bwose ndi umuyahudi ntari umukristu.

Ngo kubera icyo kimenyetso cy'umusaraba, nta gisasu cyari cyagwa mu kabari anyweramo. Birumvikana iyo kihagwa ntaba akiriho! Undi ati «Aho gupfira mu nzu ngo wihishe ibisasu, wapfa ufata ikirahure»!

KA02 1258



Umwe mu BaPARMEHUTU babeshyuje ibinyoma by'inyenzi
MAKUZA Anastase